Ishuri Rito Rya Bibiliya

Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Agatabo Ka #10

Igice Cya Mbere
Ibitabo By'ingenzi Muri Bibiliya

Ibitabo bine bibanza mu Isezerano Rishya, kenshi bifatwa nk'ibitabo by' "Abasekuruza ya Yesu" kubera ko muri byo ari mo dusanga inkuru z'Amateka y'Umuntu Udasanzwe mu babayeho. Nanone kandi, ibi bitabo bine by'Ubutumwa Bwiza ntabwo bivuga ibisekuruza nk'uko biri muri iki gihe cya none cyane cyane ko bibiri muri byo bitavuga ku ivuka rya Yesu cyangwa ku myaka 30 ya mbere y'Ubuzima bwe.

Mariko avuga ko "Yesu yaje" tukaza kubona Yesu agize imyaka 30 y'ubukure agakomereza ku myaka itatu yanyuma y'Ubuzima bwa Yesu ku isi. Yohana na we ntabwo yigeze agira icyo avuga ku ivuka rya Yesu. Matayo we, avuga muri make ku ivuka rya Yesu ariko ntiyita ku myaka mirongo 30 ya mbere y'Ubuzima bwe. Luka ni we wenyine weruye avuga muri make ku ivuka rya Yesu no ku myaka 30 ya mbere y'ubuzima bwe. Ariko icyo Abanditsi bari bagendereye ni ukutubwira ko Yesu yaje mu isi, n'impamvu yatumye ayizamo.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza Yohana Atarimo

Iyo usomye Ubutumwa bwiza uko ari bune, ku ikubitiro uhita ubona ko Matayo, Mariko na Luka bafite byinshi bahuriyeho, mu gihe mirongo icyenda ku ijana by'Ubutumwa bwiza bwa Yohana abyisangije wenyine. Kubera ko Matayo, Mariko na Luka bafite byinshi bahuriyeho mu butumwa bwiza banditse; ni cyo gituma bitwa (Synoptic gospels: Ubutumwa busa).

Mariko yavuze kuri Yesu Kristo mu buryo busobanutse kandi bwumvikana. Kugira ngo abanyeshuri biga itangazamakuru bakore umwuga wabo neza, bagombye gusoma Ubutumwa Bwiza bwa Mariko ariko babanje gusoma Matayo na Luka.

Ushingiye ku bushakashatsi ku mateka Abanditsi batandukanye bakoze ku Butumwa bwiza uko ari bune, bose bahuriza hamwe ko Mariko ari we wabanje kwandika ndetse na Petero akaba abihamya. Aba banditsi bakoze ubushakashatsi bavuga ko Matayo na Luka bifashishije ubutumwa bwiza bwa Mariko nk'umusingi w'ibitabo banditse.

Ariko nanone, Matayo na Luka, bigaragara ko hari amakuru banditse ku buzima bwa Yesu Mariko atavuzeho. Bayobowe n'Umwuka kwandika Ubutumwa bubitirirwa kugira ngo badusangize ibibukubiyemo. Kuba 90% by'ibigize Ubutumwa bwiza bwa Yohana bitaboneka muri Matayo, Mariko na Luka, icyo Yohana yari agamije kwari ugushyira ahagaragara imirimo n'ubuzima bwa Yesu Kristo bitaboneka mu butumwa Bwiza butatu bubanza. Kubera ko ubutumwa bwiza bwa Yohana bwihariye mu nyandiko ze; turarebera hamwe incamake y'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza bitatu bibanza ukwabyo, hanyuma turebe imiterere y' Ubutumwa bwiza bwa Yohana ukwabwo.

Kuvuka kwa Yesu kwabaye ishingiro ryo kubara imyaka mu mateka ya muntu. Benshi mu batuye isi bagabanya ibihe n'imyaka bashingiye ku ivuka rya Yesu, ni ukuvuga mbere na nyuma yo kuvuka kwe. Ufashe kimwe mu binyamakuru bikomeye kuri iyi si, wasangamo itariki y'uyu munsi. Iyo tariki iba yerekana imyaka runaka ishize Yesu Kristo aje ku isi. Mu mwanya tumaze turebera hamwe incamake y'Ubutumwa Bwiza uko ari bune, tuvanyemo inyungu yo kumenya uburyo Umuntu wabayeho mu gihe cy'imyaka mirongo itatu gusa ariko akagira uruhare mu cyerekezo cy'iyi si ya none.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Inkuru y'Ingenzi

Nyuma yuko abambwe hanyuma akazuka mu bapfuye; Yesu yabonekeye Abigishwa be bagirana ikiganiro. Bibiliya itubwira ko Yesu yabwiye Abigishwa icyo ibyanditswe bivuga kuri We bituma imitima yabo ihumuka inakingukira gusobanukirwa Ijambo ry'Imana.

Nubwo Abigishwa bari barabanye na Yesu mu gihe cy'imyaka itatu yose, biragaragara ko batari barasobanukiwe ibyanditswe byera neza.

Ni ayahe magambo Yesu yaganirije Abigishwa yabateye gusobanukirwa Ijambo ry'Imana? Bibiliya iratubwira iti: *"Atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bose abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri we." (Luka 24:25-27).* Bamaze kumva ko ibyo byanditswe kuri Kristo, bwa mbere mu mitima yabo, Abigishwa basobanukirwa ibyanditswe. (Yesu yari arimo yifashisha Isezerano rya Kera mu gihe yabwiraga abigishwa ko ibyo byanditswe kuri we).

Yesu yabwiye Abafarisayo n'Abanditsi ati: "*Murondora mu byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho kandi ari byo bimpamya. Nyamara mwanze kuza aho ndi ngo muhabwe ubugingo."(Yohana 5:39-40)*

Osward Chambers, Umwanditsi w'Umuhanga w'Umwongereza wabanaga n'Imana cyane, ku bwe, iyi mirongo yombi tubonye haruguru ni ingenzi muri Bibiliya yose. Ntidushobora kumva Bibiliya keretse dutahuye ko Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya byombi bibereyeho Kristo.

Bibiliya ntabwo ari amategeko y'uburyo isi yagiye itera imbere. Nta n'ubwo Bibiliya ari igitabo ngenderwaho ku bijyanye n'inkomoko y'ibyaremwe, ahubwo Bibiliya ni igitabo shingiro ku gakiza no gucungurwa.

Intego ya Bibiliya ni ukugaragaza Yesu Kristo nk'Umukiza n'Umucunguzi wacu no kutwigisha amateka n'impamvu yatumye Umukiza n'Umucunguzi wacu aza mu isi.

Iyo Abayobozi b'idini ya Kiyuda baza kugira amatwi y'Umwuka, amagambo ya Yesu aba yarababereye urufunguzo rwo kumva no gusobanukirwa Isezerano rya Kera. Amaso yabo aba yarahumukiye kubona igitangaza ari cyo: 'kuba Mesiya yari ahagaze hagati muri bo.' Mu magambo make, twavuga ko mu by'ukuri, Bibiliya yose

ivuga kuri Yesu Kristo. Ni we ushobora guhwezesha imitima yacu tugasobanukirwa Isezerano rya Kera n'Irishya muri iki gihe.

Ubu butumwa bwiza uko ari bune ni byo bitabo by'ingenzi muri Bibiliya, kubera ko Bibiliya uko yakabaye ivuga kuri Yesu Kristo, ubu butumwa bwiza uko ari bune rero bukaba ari bwo buvuga igisekuruza cye.

Icyo Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza Bibereyeho.

Ibyo twizera byose byagombye kuba bishingiye ku iyerekwa nyamakuru rijyanye n'ukuri Imana yatanze muri iyi si, uko kuri ni ko bugingo n'Inyigisho bya Yesu Kristo. Ubutumwa Bwiza bwanditswe na Yohana bubivuga neza ko: "*Uhereye kera kose nta muntu wigeze kubona Imana, ahubwo Umwana w'Ikinege uri mu gituza cya Se ni We wayimenyekanishije."(Yohana1:18*). Ijambo ry'ikigiriki risobanura "wayimenyekanishije" ni "exegeted" bivuga: "kugaragaza ukuri". Gusobanura umurongo w'ibyanditswe byera, bivuga kugaragaza ukuri kuri muri uwo murongo.

Muri Kristo mu bumwe Bwe n'Imana yatuzaniye ukuri kwari gukenewe kugira ngo tumenye Imana. Bivuze ko Yesu Kristo ari we kuri Imana yahishuriye isi. Icyo Yesu yari cyo, ibyo yakoze, ibyo yavuze byose, byamenyekanishaga Imana. Ubutumwa Bwiza uko ari bune ni byo Bitabo by'ingenzi cyane muri Bibiliya kubera ko bitubwira Yesu kandi akaba ari we wamenyekanishije Imana by'ukuri. Hari undi murongo dusanga muri Yohana uhamya ko Ubutumwa Bwiza uko ari bune bubereyeho Yesu: "*Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo uwo yahoranye n'Imana kandi Jambo uwo yari Imana."(Yohana 1:1)*

Ukomeje muri icyo gice haragira hati: "*Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe."(Yohana1:14).* Kugira ngo byumvikane neza, tekereza kuri uyu murongo muri ubu buryo: Dufate urugero ko ufite ikibazo cy'inshishi. Usize ikintu cy'isukari ku meza, haba ku mugoroba ugasanga inshishi zuzuye ku meza, ugafata umwanzuro w'icyo wakora.

Hanyuma ukaza kubona ko inshishi ziva mu mugina munini uri hafi y'inzu yawe. Mu rwego rwo kurwanya inshishi, ugasuka peteroli kuri wa mugina hanyuma ugatwika. Mu gihe umuriro ugurumana, inshishi zikihisha munsi y'ubutaka muri uwo mugina. Umuriro wamara kuzima inshishi zikongera zigasohoka, zikaza mu nzu.

Iki kibazo wagikemura ute? Ikibazo si uko wanga inshishi ahubwo ikibazo ni uko inshishi zurira ameza uriraho. Iyo uza kuba ubasha kuvugana n'inshishi, war ikuzibwira uti: "Dore ntabwo mbanga,

ariko sinshaka ko mwurira imeza yanjye. Ndashaka kubategurira amafunguro hafi y'umugina wanyu niba mushobora kutongera kugaruka mu nzu yanjye." Ikibazo nyamukuru ni uko utabasha kuvugana n'inshishi. Uri umuntu na zo ni inshishi kandi nta muntu ubasha kuvugana n'inshishi.

Ibaze nawe uramutse ukunda inshishi bihagije kandi ufite ubushobozi bwo kuzikorera icyo ushaka cyangwa icyo wifuza cyose, wari kwemera kuba agashishi maze ukajya muri wa mugina wazo, ukazibwira uti: "Yemwe mwa nshishi mwe, nashakaga kuba umwe muri mwe, ariko dore ntabwo ndi agashishi ndi umuntu utuye muri iriya nzu nini, none, mbazaniye igitekerezo. Ndashaka kugira icyo mbakorera niba tubyumvikanyeho. Ndabashyirira ibiryo byinshi hano ku mugina wanyu niba mwemera kutazongera kuza mu nzu yanjye. Nzi ko iki gitekerezo ahari kitumvikana neza. Ariko se byibuze wumvise ubutumwa burimo? Imana yari ifite ukuri ishaka ko tumenya; ni isezerano ry'Agakiza yashakaga gukorana natwe. Data wa twese ku bw'urukundo idukunda, yemeye kwiyambura Ubumana aza mu isi kugira ngo atumenyeshe ukuri. Ibuka ko We yari Imana na twe turi Abantu. Kugira ngo Imana igere ku ntego byabaye ngombwa ko Yesu aba umuntu. Niyo mpamvu Imana yita umwana wayo, "Jambo", kandi uwo Jambo yigize umuntu abana natwe imyaka 33.

Birahabanye cyane ko umuntu yahinduka agashishi kugira ngo basabane, no gutanga ikiguzi kingana gityo kubera inshishi. Bityo Bibiliya itubwira ko Imana yigize umuntu kugira ngo idushyikire idukize ibyaha byacu. Iki ni cyo kiguzi gihenze cyabayeho muri iyi si; ko Imana ikunda umuntu.

Yesu Azaza! Yesu Yaraje

Ipfundo ry'ikibazo dusanga muri Bibiliya ni ikibazo cy'uko umuntu yigumuye ku Mana atakaza ubusabane na Yo kandi ubwo busabane bukwiye kongera kubaho umuntu akiyunga n'Imana. Igisubizo Isezerano rya Kera ritanga kuri iki kibazo, gikubiye muri iri jambo: "Yesu azaza"(aducungure). Naho Isezerano Rishya ritanga igisubizo cy'iki kibazo mu magambo abiri ari yo "Yesu yaraje".

Mu Isezerano rya Kera, abahanuzi bagiye bahanura bagira bati:" Hari ikigiye kubaho." Bizeraga Imana Yo yavuze mu ijambo ryayo ko igiye kohereza Mesiya mu isi. Twumva umuntu nka Yobu ahanura agira ati: *"Nzi yuko Umucunguzi wanjye ariho kandi amaherezo azahagarara ku isi".* Twongera kumva Yobu ataka ati: "*Iyaba nari nzi aho nayibona." (Yobu 19:25; 23:3).*

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Mu Butumwa Bwiza, twumvamo abantu nka Andereya mwene se wa Simoni Petero avuga ati " *Twabonye Mesiya" (Yohana 1:41*). Nanone igihe umugore w'Umusamariyakazi yavuze ko bategereje Mesiya uzaza, Yesu yamusubije agira ati *" Ndi we."* Yivugiye ubwe ko ari we Mesiya wari waravuzwe n'Abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera. (Yohana 4:25,26). Ibitabo bine bibanza byo mu Isezerano Rishya byitwa Ubutumwa Bwiza, kubera ko ijambo " Ivanjili" ari " Inkuru Nziza". Mu magambo ahinnye, ubutumwa Intumwa zanditse butubwira ko Imana yiyunze natwe kubera ko Yesu yaje mu isi.

Umwanzuro w'ubu Butumwa Bwiza uko ari bune bwa Yesu kristo ni uyu: "*Ni uko Imana idukoresha ngo tubabwire, tubinginga mu cyimbo cya Kristo nk'aho we ubwe yari kuba ahibereye abinginga ngo mwakire urukundo rwe mwiyunge n'Imana." (2Abakorinto 5:20).*

Mu gihe turebera hamwe incamake y'Isezerano Rishya, ndasenga ngo niba waratandukanye n'Imana, wongere wiyunge na Yo muri Kristo Yesu. Nubasha kwiyunga n'Imana ukayigarukira ku bwa Kristo Yesu, uzabasha no kwiyunga nawe ubwawe ndetse no kwiyunga n'abandi kuko ari ryo shingiro ry'Ubutumwa Bwiza mu Isezerano Rishya.

Mu gihe usoma Isezerano Rishya, dore ubutumwa burimo: Kubana neza n'Imana, amahoro nawe ubwawe, amahoro n'abandi bantu, kubera ko wizeye ko Yesu kristo Mesiya wari warasezeranijwe ko azaza mu isi.

Igice Cya Kabiri

"Imitere Ya Misiyo Ya Yesu"

Iyo dusomye neza twitonze, tubona ko Yesu yari umuntu ufite Misiyo, kandi yari azi icyamuzanye icyo ari cyo. Mu gihe ufatanya nanjye gusoma ubu butumwa bwiza, tega amatwi wumve icyatumye aza. Uraza kumva icyo Yesu yashoboraga kwita "Umutwaro wa Misiyo ye." Mu gihe Yesu asobanura intego ya misiyo ye, nta washidikinya uwo yari we n'impamvu yatumye aza mu isi. Urugero mu butumwa bwiza bwanditswe na Yohana, tubona Yesu asobanura imiterere ya misiyo ye (yo gukiza indwara) na misiyo ye nyamukuru (yo gucungura umuntu) muri aya magambo: *"Nkwiriye gukora imirimo y'Uwantumye hakiri ku manywa bugiye kwira mu gihe umuntu atakibasha gukora." (Yohana 9:4).* Yongeye kubwira abigishwa be ati: *"Mfite ibyo kurya mutazi ... ari byo gukora ibyo uwantumye ashaka no kurangiza umurimo we." (Yohana 4:32,34).* Arangije imirimo ye yakoze mu gihe cy'imyaka itatu, Yesu yagiye mu gashyamba k'i Gestemani asenga muri aya magambo:

"Nakubahishije mu isi kuko narangije umurimo wampaye gukora." (Yohana17: 4). Ijambo rye rya nyuma ari ku musaraba yavuganye ijwi rirenga ryo kunesha agira ati: *"Birarangiye." (Yohana 19:30).*

Intego Yo Kubaho

Imibereho ya Yesu yabaye urugero fatizo rw'imibereho abantu bakwiriye kwigana. Intero izwi cyane Ababyeyi b'Abakristo bakunze kwigisha abana babo igira iti: "Urugero rwo kubaho umuntu abasha kugeraho n'urwo kubahisha Imana no kuyinezererwa iteka ryose". Intego yo kubaho k'umuntu ni iyo kubahisha Imana. Ariko se bikorwa bite? Mu buhe buryo?

Yesu yasubije icyo kibazo ubwo yasengaga agira ati: *"Ubahiriza izina ryawe Data, kandi umpe imbaraga kuko nemeye kwitanga."(Yohana 12:23-28).* Yesu yerekanye ko mu mibereho ye yubahishije Imana, ndetse ku iherezo ry'ubuzima bwe, yagize ati: *"Nakubahirije mu isi, narangije umurimo wampaye gukora! None birarangiye! Data mu biganza byawe ni ho nshyize ubugingo bwanjye." (Yohana 17:4; 19:30).*

Mu myaka 50 ishize ubwo umusore witwaga Jim Elliot yari kumwe n'abandi bamisiyoneri bane mu gihugu cya Equateur bishwe n'abasangwabutaka b'aho babatemaguye n'imipanga hanyuma baza kujugunya imibiri yabo yatemaguwe mu gishanga kirimo amazi. Mu gihe ingabo z'icyo gihugu zageraga aho imibiri y'abo bamisiyoneri yari yajugunywe, bahasanze ajenda ye.

Iruhande rw'umurambo we, baza gusomamo aya magambo: "Iyo igihe kigeze mu mugambi w'Imana yuko ukwiye gupfa uzabyakire ko ikigukwiriye kimwe gusa ari ugupfa."

Mu gihe turebera hamwe incamake y'Isezerano Rishya, ndaza kugira igihe cyo kukubaza ibibazo bikurikira: Iri somo rivuga iki? Risobanuye iki? Rikumariye iki? Rimariye iki abantu bakuru, abana n'abo mufitanye isano? Rifite kamaro ki ku bo wigisha? Noneho rimariye iki Imana?

Mu minsi yose y'ubuzima bwe, Yesu yahoranaga umutwaro wo kurangiza Umurimo Imana yamuhaye kurangiza. Umunsi ku wundi yahoraga yibwira ati: *"Nkwiriye gukora umurimo w'Uwantumye hakiri ku manywa, dore bugiye kwira igihe umuntu atakibasha gukora."* Mu gihe Yesu yari ageze ku iherezo rye kuri iyi si, nta murimo n'umwe mu yari imutegereje yari asigaje atakoze. Icyo yari asigaje kimwe gusa kwari ugupfa.

Ushobora kwisuzuma muri iri somo nkubaza ibibazo bikurikira:

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

- Ni iki wungutse mu buzima bwawe bitewe n'uko Yesu yabayeho no kuba yararangije umurimo we? Ese wamaze kubona neza umurimo Imana yakuremeye n'umurimo yaguhaye kurangiza ngo uwubahirize?
- Urimo urawurangiza cyangwa urimo kuwukora umunsi ku wundi? Igihe cyawe cyo gupfa nikigera, wumva uzagira ubutwari bwo kuvuga uti: "Data, nakubahirije mu isi kandi narangije umurimo wampaye?" Ese uzaba ufite ubushizi bw'amanga bwo kuvuga uti: "Icyo nsigaje ni ugupfa?" Ukavuga uti: "Data, mu biganza byawe niho nshyize ubugingo bwanjye?" Cyangwa se uzagira ipfunwe ry'uko utabashoboye kurangiza umurimo yaguhaye?

Imibereho Ya Kristo

Uburyo bwiza bwo kwiga imibereho ya Kristo mu butumwa bwiza, ushobora kwibaza iki kibazo: Ni iyihe mirimo Imana yashakaga ko Yesu arangiza kandi iyo mirimo ikaba yari mu nyungu za Yesu?

Ku iherezo ry' imibabaro ye ku musaraba yavuze n'ijwi rirenga ryo kunesha ati: *"Birarangiye."* Ni koko yari arangije misiyo ye! Ariko mu by'ukuri ni iki yari arangije?

Mu butumwa bwiza uko ari bune, harimo ibice 89, bine muri byo byihariye kuvuka kwa Yesu n'imyaka mirongo itatu ibanza y'ubuzima bwe. Ibice mirongo inani na bitanu (85) byihariye imyaka itatu y'imibereho ya Yesu. Ibice makumyabiri na birindwi byihariye icyumweru cya nyuma cy'ubuzima bwe. Ibice mirongo itanu n'umunane byihariye imirimo ye, kwigisha, gukiza indwara no gutoranya abigishwa be. Mu butumwa bwiza bwa Yohana, hafi y'icya kabiri cy'ibice bibugize, bivuga ku myaka mirongo itatu n'itatu yubuzima bwa Yesu, ikindi cya kabiri kikavuga ku cyumweru cya nyuma cy'ubuzima bwe.

Abanditse ibitabo by'Ubutumwa Bwiza, ku bwabo, imyaka itatu ya nyuma Yesu yakozemo imirimo, ni yo y'ingirakamaro kuruta imyaka mirongo itatu ya mbere y'ubuzima bwe, mu gihe icyumweru cya nyuma cy'ubuzima bwa Yesu kiruta incuro ndwi ivuka rye n'imyaka mirongo itatu ya mbere y'ubuzima bwe kuba ingirakamaro. Ibice 58 bikubiyemo inyigisho ze, gukiza indwara no gutoranya abigishwa be byerekana agaciro abanditsi b'ubutumwa bwiza baha uko yabayeho n'imirimo ye.

Ntabwo iyi ncamake ku Isezerano Rishya ikubiyemo byose, ahubwo ni amagambo avunaguye agendereye kugufasha kumva ibitabo by'Ubutumwa Bwiza no gutanga ishusho nyayo kuri byo. Muri iyi

ncamake, ndashaka kwibanda ku bintu abanditsi bagiye bibandaho cyane.

Ibintu By'ingenzi Muri Misiyo Ya Yesu

Ubushakashatsi kuri ibi bitabo butubwira ko byitwa "Ubutumwa Bwiza" kubera ko byamamaza "Inkuru nziza," "ko Yesu yaje mu isi." Ubwo yazaga, yari "*Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi." (Yohana1:29).* Niba twemera ko turi abanyabyaha, tubasha kumva impamvu abanditsi babyo babyise "Ubutumwa bwiza."

Ibice byinshi by'ibi bitabo, byibanda ku cyumweru cya nyuma cy'ubuzima bwa Yesu, kuko muri icyo cyumweru ari bwo yasohoje ibyo kudupfira nk'Umwana w'Intama ukuraho ibyaha byacu. Ibi bitabo by'Ubutumwa Bwiza bitwereka ko urupfu rwa Yesu ku musaraba ku bw'ibyaha byacu hanyuma akazuka ari yo misiyo y'ibanze y'umurimo wa Yesu.

Kimwe cya gatatu cy'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza kigizwe n'inkuru zivuga uko Yesu yarangije umurimo we w'ibanze yahawe na Se, ubwo "*yakunze abari mu isi cyane bigatuma itanga Umwana wayo w'Ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe Ubugingo buhoraho." (Yohana 3:16).* Intumwa zaciye akarongo ku murimo wa Yesu wo gucungura umuntu. (1Petero 1:18,19), 2Abakorinto 5:19, 21-16:1, 2).

Ubundi Buryo Bubiri Yesu Yakoze Misiyo Ye Nyamukuru

Iyo turebye uburyo Yesu atagarukiye ku gukora ibitangaza gusa ahubwo agapfa no ku musaraba akazuka, yakoze indi mirimo ibiri y'ingenzi nk'uko tubisanga mu bitabo by'Ubutumwa bwiza. Dutahura misiyo ya mbere muri izo zombi iyo dukomeje gusoma imibereho n'imirimo irenze urwego rwa kimuntu ya Yesu, igaragara mu Bitabo by'ubutumwa bwiza byose uko ari bine. Yesu yakoze ibitangaza byinshi, ahanini byari byiganjemo gukiza indwara.

Uramutse usomye bisanzwe inkuru zivuga ku mirimo ya Yesu mu Bitabo by'Ubutumwa Bwiza, watekereza ko inyito nyayo yari ibikwiriye ari: " Ibitangaza bya Yesu" cg "Gukiza kwa Yesu". Hafi kimwe cya gatatu cy'ibigize Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza, cyihariwe n'ibitangaza Yesu yakoze. Igishimishije ni uko uyu murimo wo gukiza indwara wakomeje no mu gihe cy'Intumwa, no mu itorero rya mbere.

Ukomeje gusoma inkuru ku yindi zijyanye n'ibitangaza Yesu yakoze n'indwara yakijije, ndetse ukareba uburyo Intumwa mu gihe cy'itorero rya mbere zakoze ibitangaza zigakiza n'indwara, fata

akanya wibaze uti: Uru rugero rw'imikorere ya Yesu wazutse akaba ari muzima, muri iki gihe bimeze bite? Niba Yesu Kristo wabaye mu isi mu myaka ibihumbi 2000 ishize ari uri muri jye nawe, utekereza ko ashobora gukiza jye nawe uyu munsi? Ushingiye k'ukuntu ubibona, ese Yesu arimo gukora ibitangaza, aracyakiza indwara, aracyazura abapfuye none nk'uko yabikoraga akiri mu mubiri hano ku isi? Ese aracyafite ubushake bwo gukiza? Ese Yesu yitaye ku buzima bw'umuburi buzira umuze no ku buzima bw'umwuka bw'abantu? Ubitekerezaho iki? Mu gihe usubiza iki kibazo mu buryo bwo gukira indwara z'umubiri, wibuke no gutekereza ku gukira mu buryo bw'umwuka bizanwa n'agakiza nk'uko abizeye bagahinduka abigishwa ba Yesu babibona none.

Ubutumwa Yesu Atanga

Uburyo bundi yakozemo misiyo ye ubibona mu bitabo by'Ubutumwa Bwiza uko ari bune: mu gupfa no mu kuzuka kwe no mu bitangaza yakoze. Ndifuza gusoza iyi ncamake ku bitabo by'Ubutumwa Bwiza mvuga ko byibuze kimwe cya gatatu cy'ibigize ibitabo bine bibanza mu Isezerano Rishya bigizwe n'amagambo Yesu yavuze.

Yesu yavuze ko ari we "*Nzira n'Ukuri n'Ubugingo; ko ntawe ujya kwa Se atamujyanye." (Yohana 14:6).* Iyo avuga ko ari we Nzira itugeza ku Mana, aba aganisha ku musaraba we, ko ari wo utanga inzira y'ubwiyunge, tukongera kugirana ubusabane n'Imana Data.

Iyo Yesu avuga ko ari we Bugingo aba agendeye ku bitangaza yakoze, n'impano y'ubugingo buhoraho akaba yarahinduye ubuzima bw'Abagabo n'abagore bamwizeye hanyuma akabakiza mu buryo bwose, mu mubiri, mu byiyumviro no mu buryo bw'Umwuka. Iyo Yesu avuga ko ari we kuri, nta gushidikanya, aba yerekeza ku nyigisho no ku mirimo ye.

Nk'umwana w'Imana, Yesu yakabaye yaravuye mu ijuru ku wa gatanu ku gicamunsi aho yahoze kera hose hanyuma agatanga agakiza mu gihe kigufi. Kuki Yesu yamaze imyaka mirongo itatu n'itatu mu isi, yakabaye yarakoreye Ise indi mirimo yiyongera ku gupfa ku musaraba no kuzuka kwe.

Iyo Yesu atubwira ko ari we kuri, Yohana akamuvuga nka Jambo w'Imana wigize umuntu, (yohana 1:14) tubona ko Umurimo wa Yesu utari kurangira ku gicamunsi cyo ku wa gatanu. Imana yaduhaye Ijambo ryayo, ariko mu mugambi wayo, Yesu we yaduhaye ikiruta Ijambo. Yohana abivuga muri aya magambo:

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

"*Kuko amategeko yatanzwe na Mose, ariko ubuntu n'ukuri byo byazanwe na Yesu." (Yohana1:17).* Imana yari yaraduhaye ukuri binyuze kuri Mose n'Isezerano rya Kera noneho binyuze muri Yesu, Imana yaduhaye ukuri n'ubuntu cyangwa "charisma", "Ubuntu uhawe utari ubukwiriye" ngo tububemo cyangwa tube muri uko kuri: Yesu ntiyaduhaye ukuri gusa ahubwo we ubwe ni we kuri yaduhaye. Yesu ntabwo aduha ubugingo gusa, ahubwo we ubwe yari ubwo bugingo. Icyo Yesu yari, icyo yakoze, icyo yavuze byari ukuri Imana yashakaga ko tumenya binyuze mu mwana wayo. Ni yo mpamvu Ubutumwa Bwiza bwa Yohana buvuga ko Yesu ari Ijambo rizima Yohana 1:1-14. Tumaze kubona ko ubutumwa nyamukuru Imana yahaye isi ari Yesu Kristo.

Yesu yatanze ibiganiro binyuranye, muri byo, harimo ibiganiro nyamukuru mu rwego rw'inkuru zirambuye (discours) zirimo: Icyigisho Yesu yerekana abahiriwe abo ari bo kuri wa musozi (Matayo 5:6-7), icyigisho Yesu yatangiriye mu cyumba cyo hejuru (Yohana 13-16), icyigisho Yesu yatangiriye ku musozi wa Elayono (Matayo 24, 25).

Hari izindi nyigisho Yesu yatanze ahanini dusanga muri Matayo no muri Luka, usanga atari nto kuri izi nyigisho nyamukuru zivuzwe haruguru kubera ubugufi bwazo, ahubwo ari uko nyinshi muri zo zatanzwe mu buryo bw'imigani cyangwa ibigereranyo, cyangwa ibiganiro mpaka. Ibi baganiro mpaka yabigiranye n'abatambyi bo mu gihe cye, kandi akenshi byatangizwaga na Yesu ababaza ibibazo. Mu butumwa bwiza bwa Matayo honyine, Yesu yabajije ibibazo 83.

Biragaragara ko yari arimo gutoza abigishwa kumubaza ibibazo. Inyigisho yo ku musozi wa Elayono ndetse n'inyigisho ndende kurusha izindi yo mu cyumba cyo hejuru (Yohana 13:16), ni ibisubizo Yesu yahaye abigishwa be ku bibazo bari bamubajije. Byinshi mu biganiro mpaka yagize, yabigiranye n'abatambyi bakuru Usanga byinshi muri byo, yarabikoraga bitewe n'ibibazo yabaga yabajije abantu cyangwa bamubajije. Usomye ubutumwa bwiza, usanga igihe cyose Yesu yaratangaga inyigisho, zabaga ari inyigisho zirambuye, yenda se imigani, isengesho se, cyangwa akaba abaza/asubiza ibibazo abajijwe, cyangwa se ikiganiro mpaka. Hanyuma wibuke ko yari Jambo w'Imana ihoraho wigize umuntu akabana natwe. Uko yabumburaga akanwa avuga, yabaga aduhishurira Data. Yabaga aduhishurira Imana mu buryo bwuzuye isi itigeze imenya. (Yohana 1:18).

Uburyo bwiza bwo kumenya ireme ry'inyigiho za Yesu, ni ukureba inyigisho ze wibaza iki kibazo.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Uburyo bwiza bwo kumenya ireme (ukuri), ry'inyigisho za Yesu, ni ukuzireba mu buryo bwimbitse wibaza iki kibazo "Yesu yari afite izihe ndangagaciro? Ugendeye ku nyigisho yatanze zose, utitaye ku bwoko bwazo n'uburyo yazitanzemo nk'uko twazibonye, ni iki Yesu yashyiraga imbere?"

Mu gihe usoma ibitabo by'ubutumwa bwiza, wibande kuri misiyo y'ibanze ya Yesu Kristo yarangirije ku musaraba aho dusanga yarabaye inzira yo kunga Imana n'abantu. Hanyuma urebe ibitangaza Yesu yakoze cyane cyane ibijyanye no gukiza indwara, ari byo bigaragaza ko Yesu ari ubugingo. Urebe nanone, uburyo Yesu yasohoje umurimo we nka Jambo w'Imana wigize umuntu akabana natwe yuzuye Ubuntu n'Ukuri n'Ubugingo.

Incamake Ku Butumwa Bwiza Bwa Matayo

Igice Cya Gatatu

Uburyo Yesu Yakoze Misiyo Ye

Mu Bitabo by'Ubutumwa Bwiza uko ari bine, Yesu ntabwo tumubona nk'Umuntu wari ufite Misiyo gusa, ahubwo tumubona nk'Umuntu wari ufite uburyo ashaka gusohozamo Misiyo ye. Ibi ahanini tubibona mu Butumwa Bwiza Matayo yanditse.

Uramutse umenye neza ko ufite kubaho imyaka itatu gusa, kandi ukaba ushaka kugeza ubutumwa ku isi yose, wabigenza ute? Yesu yari azi neza ko afite imyaka itatu gusa kandi ashaka kugeza ubutumwa bwiza ku isi yose. Kuba yari abizi, yabigenje ate? Igisubizo cy'icyo kibazo turaza kukibona ubwo tuza kuba dusoma ubutumwa bwiza bwa Matayo aho tureba uburyo Yesu yakoresheje kugira ngo asohoze misiyo ye yo gukiza indwara.

Uramutse wiga mu iseminari, isomo ryo kwiyubakamo ubushobozi kugirango ubashe kubukoresha ugomba kuba uzi: kumenya ikibazo abantu bafite, gushyira ibintu ku murongo, gutegura umunsimbura wawe, kureberera igikorwa, no kugira umutwaro w'umurimo.

Mu butumwa bwiza bwa Matayo, tubona buri gihe iyo Yesu yabonaga abantu benshi bamugana, yarabagiriraga impuhwe. Iyi ni ishusho y'impuhwe ze yari afitiye isi yose ubwo yashakaga uburyo yageza ubutumwa bw'agakiza ku isi yose. Igihe cyose yagiriraga abantu impuhwe, hari ikintu yakoraga mu buryo runaka busobanutse. Ubwa mbere ni igihe yari arimo gukiza abantu indwara z'uburyo bwose ku nkombe y'inyanja y'i Galilaya. Yatahuye ikibazo abantu bafite hanyuma ategura icyo twakwita "Umwiherero wa mbere wa Gikristo", aho yigishirije kuri wa musozi. (Matayo 4:23-5-2)

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Ubwo yongeraga kugirira abantu benshi impuhwe, yatoranije bamwe mu bumvise inyigisho ze kuri wa musozi kuba "Intumwa" zimuhagarariye." Intumwa muri iki gihe ni uwo dushobora kwita "Misiyoneri". Hari itandukaniro riri hagati y'umwigishwa n'intumwa. Yesu yari afite abigishwa benshi, ariko yari afite intumwa cumi n'ebyiri gusa.

Dushobora kuvuga ko yashishoje akamenya ikibazo, hanyuma akanategura abasimbura bazasohoza Misiyo ye yo gukwiza Ubutumwa ku isi yose. Mu buryo Yesu yakoresheje asohoza misiyo ye, muri Matayo, tubonamo bubiri bufitanye isano rya hafi. Yongera kubona abantu benshi arababarira. Kuri iyi ncuro, hamwe n'ibindi bibazo bari bafite, umwihariko ni uko bari bashonje. Abigishwa baraza begera Yesu bamusaba gusezerera abantu kugira ngo bajye gushaka ibyo kurya mu birorero. Na we arababaza ati: "Mufite imitsima ingahe?" Yesu arababwira ati: "Si ngombwa ko abateraniye aha bajya gushaka amafunguro ahandi, ahubwo abigishwa ni bo babagaburira."

Iyi nkuru y'ikimenyabose y'igitangaza Yesu yakoze ahaza ibihumbi by'abantu ni umugani ugaragaza uburyo Yesu yifuza ko abamuhagarariye bajya basubiza ibibazo bya rubanda.(Matayo 14:14-36; 15:32-39).

Mu gihe tubona ko ibi bihumbi by'abantu byari biteraniye aha, bahagarariye ibibazo abatuye isi bafite none, uburyo Yesu yakoresheje hano, abigishwa yatoranije kumuhagararira ni bo bene nyir'igikorwa cyo gusubiza icyifuzo cy'inzara ku bari bateraniye aho.

Tubonye ko igikorwa `cyo kugaburira iteraniro rigari ritya mu buryo bw'igitangaza, Yesu atari we wicaje abantu ngo abagaburire ahubwo byakozwe n'abigishwa be! Ubu ni bwo buryo Yesu Kristo wazutse akaba ari muzima yifuza gukorana n'abo yahamagaye muri iki gihe ngo ageze ubutumwa bwiza ku bakeneye agakiza, basubiza n'ibyifuzo byabo.

Iyi nkuru ikora ku mutima y'igitangaza Yesu yakoze yagizwemo uruhare: n'abantu, imiterere y'aho bari bateraniye ndetse n'ibintu bari bafite (Imigati n'amafi). Turebye uburyo Yesu yatumye abigishwa be kujya mu mahanga yose kubwiriza ubutumwa bwiza, ni bwo twumva neza icyo Yesu yari agendereye akora iki igitangaza ubwo yababariraga iteraniro rinini ritya akarigaburira (Matayo 28:16-20). Kuko Yesu ajya kuzamurwa mu ijuru, yasigiye abigishwa be, ari bo basimbura be umurimo wo guhindura isi yose.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Twavuga ko nyuma yo kuzamurwa mu ijuru, Yesu yashyizeho umurongo ngenderwaho mu buryo bubiri: Yari afite inshingano yo gukurikirana uburyo abigishwa be n'abazamwizera bazageza ubutumwa bwiza ku isi yose muri iyi myaka isaga ibihumbi bibiri itorero rimaze rivutse, n'igihe cyose rizamara mu isi ku bwe. Ntabwo twaba twibeshye twanzuye ko Yesu yari arajwe inshinga n'uburyo bazabishyira mu bikorwa.

Ibi byaje kugaragara cyane, mu gihe cyo gutotezwa kw'intumwa n'abizera mu binyejana bitatu bibanza mu mateka y'Itorero. Dushobora kwemeza ko Yesu yakomeje kurazwa inshinga no gutotezwa kwagiye kuba ku Itorero muri iyi myaka ibihumbi bibiri ishyize, kukaba kugikomeje mu bice bitandukanye by'isi muri iki gihe bahorwa izina rya Yesu.

Twahamya nanone ko Yesu yagiye ahagarikwa umutima n'ibyagiye biba ku itorero mu mateka yaryo yari arikomereye cyane nk'uko tuyasoma.

Aya mateka yagombye kudufasha kumva itorero muri iki gihe. Tubona intego nyayo y'itorero iyo turebye uburyo Yesu yashyize mu bikorwa ingamba ze zo kugeza ubutumwa bwiza ku isi yose mu butumwa bwiza bwa Matayo. Itorero ni umuryango w'ivugabutumwa, Itorero ryashyizweho kandi rikomezwa na Kristo ngo ribe umuyoboro w'ubuntu n'ukuri bya Yesu Kristo byamamazwa kuri iyi isi. Ibyo Itorero riteganya, gahunda zaryo n'ibikorwa byaryo, byagombye kugaragaza ko icyo rigamije ari ukugeza ubutumwa ku isi hose.

Uku kuri tugusanga cyane mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa. Ubutumwa Bwiza bwa Matayo busoza Yesu aha itorero inshingano yo kujyana Ubutumwa bwiza ku bataramenya Yesu. Mu gihe intumwa zijyanye Ubutumwa, zigomba guhindura abantu abigishwa, babatiza, banabigisha kwitondera ibyo Yesu yabigishije. Ni byo byabaye ubwo ku munsi wa Pentekote bahawe imbaraga z'Umwuka Wera n'ubushobozi bwo gusohoza inshingano yo kwagura Ubwami bw'Imana ku munsi itorero ryavutseho.

Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, kitubwira uburyo Intumwa zakwije Ubutumwa hirya no hino mu isi bari baherereyemo, bahindura abantu kuba abigishwa, bababatiza ndetse bakanabigisha kwitondera ibyo Yesu yigishije. Ibyakozwe n'Intumwa n'amateka y'itorero bitubwira ko ingamba Yesu yatanze zikurikizwa. Twebwe abagize itorero rya none, turacyahamagarirwa guhindura abantu abigishwa, tubabatiza tunabigisha kwitondera ibyo Yesu yavuze byose.

Igice Cya Kane

Ibihe Bine By'ingenzi Mu Buzima Bwa Kristo

Nta muntu muri Bibiliya wabaye ingirakamaro nka Yohana Umubatiza, nyamara ibyanditswe bimuvugaho mu magambo make cyane. Yesu yavuze ko ari we muntu uruta abahanuzi, akaruta abantu bose mu babyawe n'umugore bose (Matayo 11:11, Luka 7:28). Yohana Umubatiza, ibitabo by'ubutumwa bwiza bimuvugaho gato cyane. Ese agaciro ke ni akahe? Ubwa mbere, ntiyari umuhanuzi gusa ahubwo ni we muhanuzi waherutse nyuma y'abandi. Abahanuzi bavuze ko Mesiya yari akwiriye kuza; mu gihe Yohana we yavuze kuri Yesu imbona nkubone agira ati: *"Nguyu Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi." (Yohana1:29).* Yohana Umubatiza ni we umuhanuzi wa nyuma mu bahamije Mesiya, ni na we wamweretse abantu ko ari we Mesiya.

Yesu Abatizwa

Hari ibihe by'ingenzi bivuga ubuzima bwa Yesu Kristo dusanga mu bice bibanza bya Matayo, Mariko na Luka. Umunsi umwe ubwo Yohana yari arimo kubatiza, abona Yesu ku murongo w'ababatizwa, umugabo ukiri muto wo mu kigero cye mu myaka; Yohana amubonye, aramubwira ati: "*Ni jye wari ukwiriye kubatizwa nawe."* Yesu aramusubiza ati: *"Yohana emera ubikore kugira ngo nsohoze gukiranuka kose. Mbatiza." "Akimubatiza, Umwuka w'Imana amanuka kuri we asa n'Inuma amujyaho, ijwi rivugira mu ijuru riti: 'Nguyu umwana wanjye nkunda nkamwishimira.'"* Ibyanditswe kuri iyi nkuru byitirirwa Yohana umubatiza nk'Umuhamya wahibereye (Matayo 3:17).

Umubatizo wa Yesu wari utandukanye n'uwo muri iki gihe kubera ko umubatizo we, watangazaga ku mugaragaro ko atangiye imyaka itatu y'imirimo ye.

Iyo Perezida runaka atorewe kuyobora igihugu, bigomba gutangarizwa abagituye ku mugaragaro, uwatowe agashyikiriza ijambo ry'umunsi abo ahawe kuyobora. Yesu na we yatangiye umurimo we abitangaje. Uwatanze ijambo ry'umunsi ni Imana ishobora byose, kandi iryo jambo ryari rigufi rwose rigira riti: "*Nguyu umwana wanjye nkunda nkamwishimira".*

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Yesu Ageragezwa

Mu gice cya kane cya Matayo, dusanga umubatizo wa Yesu warakurikiwe n'ikindi gikorwa cy'ingenzi. Yajyanywe n'Umwuka mu butayu amarayo iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine, asenga atarya, arangije ageragezwa na satani incuro eshatu.

Bwa mbere umushukanyi yaramubwiye ati: "*Niba uri Umwana w'Imana bwira aya mabuye ahinduke imitsima,"* Yesu aramusubiza ati: "*handitswe ngo; Umuntu ntatungwa n'Umutsima gusa ahubwo atungwa n'Amagambo yose ava mukanwa k'Imana."* Ijambo rya mbere Yesu yavuze dusanga mu bitabo by'Ubutumwa bwiza yifashishije Isezerano Rya Kera ni: "Handitswe ngo" (Matayo 4:4).

Incuro ya kabiri Satani amugerageza, yamujyanye hejuru y'agasongero ku Rusengero rwa Salomo arambwira ati: "*Niba uri Umwana w'Imana ijugumye hasi kuko Handitswe ngo Imana izagutegekera Abamarayika bayo bakuramire mu maboko yabo ngo udakubita ikirenge ku ibuye"(Matayo 4:6).* Hano tubona Satani na we yifashisha ibyanditswe. Satani azi Bibiliya cyane, ku buryo azi imirongo yakoresha, atera abizera ubwoba no kubakura umutima.

Tugiye kubona Yesu yihamya nk'Imana yambaye umubiri. Ni nde wari gupfa kwemera ko muri we harimo Ubumana bwuzuye? Satani yari azi ko yakoze iyo bwabaga ngo amuvuguruze.

Yesu asubiza Satani ati: "*Handitswe ngo ntukageragеze Uwiteka Imana yawe" Matayo 4:7.*

Yesu ageragezwa ku ncuro ya gatatu, Satani yamweretse ubwami bwose bwo mu isi n'ubwiza bwabo aramubwira ati: *"Ibi byose ndabiguha nupfukama ukandamya"*. Yesu aramusubiza ati: *"Genda Satani kuko handitswe ngo uramye Uwiteka wenyine kandi abe ari we ukorera." (Matayo4:8-10).*

Ni uwuhe mumaro wo kugeragezwa kwa Yesu mu butayu? Ndizera ko iyo Satani aza kumenya ko ari uku biri bugende, akabona uburyo, yari kwirinda guhura na Yesu. Icyo tugomba kumenya ni uko mbere y'uko atangira umurimo we, Umwuka yabanje kujyana Yesu guhangana na Satani mu butayu. Tubivuze mu bundi buryo, Yesu ni Adamu wa kabiri wari urimo kwereka Satani ko nubwo Adamu wa mbere yatsinzwe ikigeragezo cyo mu ngombyi ya Edeni, nyamara Yesu we yaragitsinze.

Nk'uko tubibona, Yesu mu kigeragezo cye cya mbere, yasubije Satani ati: *"Handitswe ngo umuntu ntatungwa n'umutsima gusa,*

ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana."(Matayo 4:4). Mu ngobyi ya Edeni Satani yabajije Adamu na Eva ati: "*Harya Imana yaravuze ngo*?" ntimukagire igiti na kimwe murya muri iyi ngobyi barikiriza bati: *"yego".* Satani aboneraho kubabwira ati: "*Ibyo Imana yababwiye sibyo yarababeshye"* Satani amaze kuvuga ibyo, Adamu na Eva batesha agaciro kandi basuzugura ijambo Imana yavuze.

Murabyumva mute? Umwanzi ntiyarekeye aho kubaza abantu b'Imana ibibazo nk'ibyo mu bihe bitandukanye, ibi ni ikigereranyo cy'uburyo natwe ubwacu tugeragezwa muri iki gihe ngo dukore icyaha.

Ubu ni bwo busobanuro bw'icyaha: icyaha ni ikibazo kijyanye n'ibyo dukora cyangwa twirinda gukora ku byo Imana yavuze. Ikintu cy'ingenzi tubona mu gisubizo cya Yesu igihe yageragezwaga bwa mbere, ni uko niba dushaka kubaho, ijambo rizatwereka uko tubaho. Mu ngobyi ya Edeni, intandaro yo kugeragezwa yabanje gushyiira ibyifuzo by'inda imbere, uko turushaho gusobanukirwa kubaho niko turushaho gusobanukirwa Bibiliya. Bibiliya no kubaho biruzuzanya kubera ko Bibiliya itwigisha uko tugomba kubaho.

Mu ngobyi ya Edeni, Satani yari agendereye kubabwira ati: *"Mubanze ibyifuzo by'inda imbere hanyuma ibyo Imana ibashakaho bize ku mwanya wa kabiri"*. Ahubwo bakoze ikinyuranyo, aho kurebera ibyifuzo byabo by'ubuzima mu ijambo ry'Imana, barebeye ijambo ry'Imana mu byifuzo byabo. Intandaro y'ikigeragezo yari: "Mubanze ibyifuzo by'ubuzima, hanyuma ibyo Imana yavuze bikurikireho."

Igihe Yesu yasabwaga guhindura amabuye kuba imitsima, ikigeragezo cyari gisobanuye ngo: "fata imbaraga zo mu Mwuka uvanye mu masengesho y'iminsi mirongo ine uzikoreshe mu nyungu z'ibyifuzo by'inda, maze ijambo n'ubushake bw'Imana bize hanyuma. Ariko Yesu we yabanje ijambo ry'Imana, ibyifuzo by'ubuzima bikurikiraho.

Bibiliya uko yakabaye ibasha kubumbirwa mu ijambo rimwe ari ryo: "mbere na mbere Imana". Ibisubizo bya Yesu ku bigeragezo yahuye na byo uko ari bitatu, bikubiye muri iryo jambo, " mbere na mbere Imana", ibindi byifuzo bigakurikiraho. Wibuke ko ikigeragezo atari icyaha ahubwo uko twitwara mu gishuko ni byo bigaragaza niba twabasha kunesha cyangwa tugatsindwa. Uburyo twitwara mu bishuko muri iki gihe, byagombye kuba umukoro w'iri jambo ryo kubanza Imana mbere y'ibindi.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Mu gihe yamugeragezaga bwa kabiri, Satani yifashishije ibyanditswe, abwira Yesu ngo niba ari umwana w'Imana yijugunye hasi. Icyo Satani yari agendereye, kwari ukuvuga ngo Yesu naramuka ataguye hasi, ni bwo azaba yerekanye ko ari Umwana w'Imana.

Yesu yongeye gusubiza Satani icyanditswe kitwereka ko natwe ubwacu, tutagomba kumugerageza. Hari itandukaniro hagati yo gusaba ikimenyetso nka Gidiyoni no kugerageza Imana (Abacamanza 6:37,38). Iyo tumaze kwiyandikisha muri "Kaminuza yo kwizera" dukemera ingaruka zo kuba Abigishwa ba Yesu, nta urenganzira tuba dufite bwo kugerageza Imana.

Ku ncuro ya gatatu Satani agerageza Yesu, yamusezeranije kumuha Ubwami bwose bwo mu isi aramutse yemeye kumupfukamira byonyine. Yesu arongera amusubiza icyanditswe kibangikanye n'icyo yamusubije ubwo yageragezwaga ku ncuro ya mbere agira ati: *"Uramye Imana yonyine kandi abe ari yo ukorera."* Kuri iyi ncuro ijambo "Kubanza Imana" rihinduka, "Yo yonyine gusa."(Matayo 4:10).

Umukoro wanjye nawe kuri ibi bishuko bitatu Yesu yahuye na byo ni uyu:

Umukoro wa mbere ni: "Kubanza Imana, ijambo ryayo hanyuma ibyifuzo byacu bigakurikira". Uramye Imana yo yonyine gusa. Twese, tugira igihe cyo kunyura mu bigeragezo bituma twumva twagerageza Imana tukibagirwa ko ari yo yagombye kutugerageza.

Yesu amaze gusubiza Satani ubwa gatatu, tubona ko Satani yarekeye aho kugerageza Yesu amutega "amutego ikindi gihe." Ibi bitwereka ko mu myaka itatu y'ubuzima bwe yahuye n'ibitero bikomeye bya Satani, cyane cyane mu cyumweru cya nyuma cy'ubuzima bwe mu isi, yegereje gupfa no kuzuka kugira ngo turonke agakiza.

Umuntu yakwibaza ati: Iyo Yesu aza gutsindwa ikigeragezo kimwe muri ibi bitatu byari kugenda bite? Mu gihe Yesu yageragezwaga mu butayu, nibwira ko Imana yamurebaga iri mu ijuru ihagaritse umutima, yibaza iti "Mbese aho araza kubishobora?" Ese nawe utekereza ko ari uko byari bimeze? Ndakwizeza neza ko Imana yari izi neza ko Yesu ataza kumera nka Adamu imbere ya Satani. Ubwo Yesu yageragezwaga mu butayu, nta kintu na kimwe cyari gutuma aneshwa ibi bishuko.

Kuki yageragejwe? Imana yashakaga kutwereka ko uhereye mu ntangiriro y'umurimo wa Yesu kugeza ku iherezo ryawo; bitari gushoboka ko yaneshwa cyangwa yatsindwa. Imwe mu mirongo

ihera muri Bibiliya iragira iti: *"Nuko ibasha kubarinda ngo mudasitara no kubahagarika imbere y'ubwiza bwayo, mudafite inenge ahubwo mwishimye bihebuje." (Yuda1: 24).*

Niba Kristo utaraneshejwe aba muri twe, ntabasha kuturinda natwe ngo tutaneshwa? Rwose ashobora kuturinda turamutse tumwizeye kandi tukagendana na we.

Uko yitwaye mu gihe yagerezwaga, bitwereka jye na we uko tugomba kwitwara igihe tugeragejwe n'umwanzi. Satani ahora akora uko ashoboye kugira ngo adushuke maze "Dushyire ibyifuzo by'ubuzima imbere iby'umwuka bize nyuma." "Kubanza ikindi kitari Imana mu buzima", ni byo Satani yoshya abantu ngo dukore.

Umwanzi w'igihebuje, ni icyiza mu maso y'abantu. Ni muri ubu buryo Satani atwiba ibihebuje Imana idufitiye, atwereka icyiza twakora kugira ngo dutakaze icyiza cyane Imana idufitiye. Imana iradukunda, kandi mu gihe tuyigize iya mbere, ishobora kuduha ibyiza ku rushaho. Ni yo mpamvu idusaba kuyiha umwanya wa mbere, no gutsinda ibishuko bya Satani.

IGICE CYA GATANU

" Ikiganiro Nyamukuru Yesu Yakoze"

Yesu yatanze ibiganiro mbwibwaruhame bitandukanye. Ariko ikiza ku mwanya wa mbere ni icyo yatangiye kuri wa musozi gikubiyemo incamake ya Bibiliya yose mu buryo buboneye; uko umuntu akwiriye kubaho n'indangagaciro ze. Nanone, gikubiyemo indangagaciro za Yesu. Iyo turebye imiterere yimbitse y'iyi nyigisho Yesu yatanze, dusanga inyuranye n'uburyo dutanga inyigisho muri iki gihe.

Imiterere Y'iyi Nyigisho

Ni byiza ko tubanza kumva imiterere y'iyi nyigisho mbere yo kureba ibikubiye muri iki kiganiro nyamukuru cya Yesu. Amwe mu mabwiriza agenga inygisho za Bibiliya, ni ukureba buri murongo icyo uvuga. Ijambo "context" risobanura "imiterere cyangwa se icyo umurongo runaka ushatse kuvuga mu mwihariko wawo". Ni ngombwa kwita ku byabanje, ku byari biriho igihe inyigisho yatangwaga n'ibyakurikiyeho. Icyo umurongo ugendereye ni cyo kidufasha kumva isomo neza.

Dusoza igice cya kane cya Matayo, tubona umwanditsi agaragaza ishusho y'iyi nyigisho nyamukuru, aho atubwira ko Yesu yari arimo akiza abarwayi bakoze ingendo ndende baturutse hirya no hino bashaka Yesu ngo abakize. (Matayo 4:23-51).

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Ubwo Yesu yari amaze gukiza abarwayi benshi ku nkombe y'inyanja ya Galilaya, afata bamwe mu bigishwa be bazamukana mu mpinga y'umusozi uteganye n'inyanja ya Galilaya, (Mariko 3:13) bituma abari aho bisanga mu bice bibiri. Igice cy'abari bafite ibibazo basigara hafi y'inyanja, ku rundi ruhande abigishwa ba Yesu bazamukana na we ku musozi.

Igice cya gatanu, icya gatandatu, n'icya karindwi bya Matayo bivuga ibikubiye mu kiganiro mbwirwaruhame Yesu yatangiye kuri wa musozi.

Ku bwanjye, iki kiganiro ncyita: "Umwiherero wa mbere wa Gikristo." Ubwo Yesu yateguraga uyu mwiherero, icyari gikenewe ku bacyitabiriye cyari iki: " Ese uri mu banyabibazo bakeneye ubafasha cyangwa wifuza kuba umwe mu batanga umuti ku bibazo?" Muri uwo mwiherero, Yesu yafashe abigishwa be bafatanya na we gutanga umuti w'ibibazo ku bari bakeneye ubufasha bwa Yesu.

Ubwo Yesu yiri arimo gukiza abarwayi baje bamugana, yari azi neza ko mu buryo bw'umubiri adashobora gusubiza ibibazo byose wenyine n'ubwo yari Imana. Tubona ko yabanje kumenya imiterere y'ibibazo, abona gutegura uyu mwiherero wa mbere wa gikristo. Mariko atubwira ko abitabiriye uyu mwiherero kuri wa musozi ari abatumiwe gusa. (Mariko 3:13).

Nizera ko abemeye kwitabira ubu butumire ari abigishwa be cumi na babiri gusa. Ibi mbishingira ku kuba bakimanuka umusozi, ari bwo Yesu yahaye abigishwa be inshingano. Bivugwa ko kuri wa musozi, muri uwo mwiherero wa Gikristo Yesu ari bwo yatoranyije Intumwa ze.

Ibigize Isomo

Yesu atangira isomo rye yigishije abigishwa be amasomo y'ingezi azwi nka "Abahiriwe abo ari bo" azabafasha gutanga umuti w'ibibazo bya rubanda rubabaye. (Matayo 5:3-12, 5:3-13) Izi ndangagaciro umunani zikubiye mu magambo umunani "y'Abahiriwe abo ari bo", ni izerekana uburyo umwigishwa wa Yesu akwiriye kwitwara. Tugendeye kuri Yesu, uko tubona ibintu, gushobora kuba itandukaniro ry'Ubuzima bwuzuye umucyo, n'ubuzima bwuzuye umwijima. (Matayo 6:22-23).

Abahiriwe Abo Ari Bo: Ibyo Kwitabwaho

Aya magambo umunani y'Abahiriwe abo ari bo, ni ryo somo naho ibisigaye byose ni ugushyira mu bikorwa isomo. Abigisha

n'ababwirizabutumwa b'abahanga bafata igihe gito cyo kuvuga icyo isomo rigamije, hanyuma umwanya munini bakawuharira kumvikanisha isomo. Yesu araduha urugero rw'uburyo yafashe agahe gato ko kuvuga aya magambo y' "Abahiriwe abo aribo", maze igihe kinini akagiharira gutanga ingero z'ukuri kuri muri iri somo nuko kwashyirwa mu bikorwa.

Imiterere y'iri somo iratwereka uburyo kuba umwigishwa wa Yesu bitoroshye. Aya masomo avuga ku "Abahiriwe abo ari bo", yerekana inyifato isabwa umukristo. Amagambo ane (y'ikigereranyo) (metharphor) ari yo kuba: Umunyu, Umucyo, Umudugudu n'Itabaza, byerekana neza umusaruro uboneka iyo abakristo babereye urugero rwiza rubanda. Ikibazo kiracyari cya kindi kigira kiti: "Ese uri mu bakeneye ubufasha kuri Yesu cyangwa uri mu ruhande rw'abo Yesu ahamagarira kuba igisubizo?

Hari itandukaniro mu buryo bw'Umwuka dusanga hagati y'Abahiriwe ba kane n'aba gatanu. Iyo turebye mu byanditswe byera, tubona hari indangagaciro Imana igenderaho iyo itoranya abayobozi bagiye kuyikorera. Abo bakozi cyangwa abazayobora abandi, bagomba kuba bujujie ibisabwa ngo Imana ibakoreshe maze batange umusaruro w'ibyo bahamagariwe. Bagomba kuba bakunda Imana mbere y'uko bayikorera. Abahiriwe bane ba mbere bahagarariye abantu bamaze kumenya ibisabwa ngo bakoreshwe n'Imana. Noneho abahiriwe basigaye bahagarariye abakora imirimo baramaze guhamagarwa n'Imana.

Umuhamagaro w'umuntu Imana ibasha kuwukuza muri we ubwe, ariko imbuto zo guhamagarwa umuntu azerekanira muri rubanda no muri bagenzi be.

Abahiriwe bane ba mbere kuri wa musozi ni ho bagomba kugaragariza ko bashyitse bizanwa no kwihererana n'Imana. (Matayo 6:6). Abahiriwe bane ba mbere, iterambere ryabo rikuzwa n'ubusabane bwabo n'Imana, mu gihe abahiriwe bane ba nyuma iterambere ryabo mu buryo bw'Umwuka rigomba kugaragarira mu mibanire yabo n'abandi.

Abahiriwe bagabanije mu mahirwe ane aho abiri abiri afitanye isano: Hari abakene mu mutima, Abashavura, Abagwaneza, abafite inzara n'inyota byo gukiranuka, Abanyembabazi, Abafite imitima iboneye, n'Abakiranura. Buri mahirwe yose muri aya tumaze kubona, ni indangagaciro z'imbere mu mutima z'umwigishwa wa Yesu akwiye kuba afite mbere y'uko Yesu amwohereza kubera isi igisubizo.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Abahiriwe babiri babanza, isomo batanga ni iri: "igikenewe si icyo nshobora gukora ubwanjye ahubwo ni icyo Yesu ashobora gukora muri njye" cyangwa se "ntari kumwe na we ntacyo mbasha gukora." Abahiriwe babiri bakurikiraho batanga iri somo: "Icya ngombwa si icyo nshaka ahubwo ni icyo Yesu ashaka." Abahiriwe babiri ba gatatu isomo batanga ni iri: " Icya ngombwa si uwo ndi we ahubwo ni uwo Yesu ari we". Abahiriwe babiri ba kane bo bavuga ko: "icya ngombwa si icyo jye nakoze ahubwo icyo Yesu yakoze ni cyo cy'ingenzi."

Amagambo Yesu yavugiye kuri wa musozi y'Abahiriwe abo ari bo, agereranywa no kuzamuka umusozi. Umunyamahirwe wa mbere atuzamuraho gato, Umunyamahirwe wa kabiri akatuzamura birushijeho, umunyamahirwe wa gatatu akatuzamura bitatu bya kane, umunyamahirwe wa kane atugeza mu mpinga z'umusozi. Aba banyamahirwe batuzamura umusozi, ni zo ndangagaciro zikenewe mbere y'uko Yesu atwohereza gusubiza ibibazo by'abantu.

Abahiriwe bane bakurikiraho bo batumanura umusozi. Iyo umwigishwa yuzuye gukiranuka kw'Imana aba ameze ate? Ese aba ameze nk'Abanditsi n'Abafarisayo? Oya!

Bamanuka umusozi bamaze kuba abanyembabazi kandi bafite imitima iboneye. Umaze kuba umunyembabazi no kugira umutima uboneye ni bwo uba ukwiriye kumanuka kuri wa musozi ugiye gufatanya na Yesu kuba igisubizo cy'ibibazo by'abantu. Iyo umwigishwa ageze ku rwego rwo "Gukiranura no kurenganywa", ni bwo aba akwiriye kujya muri rubanda rufite ibibazo bikeneye ibisubizo.

ABAHIRIWE, UMWE KURI UMWE

" Hahirirwa Abakene mu mitima yabo"

Kuba umukene mu mutima ni yo nyifato ya mbere itureba. Iyi nyifato, abayifite baba batari bagera ku rugero rwo kuba ibisubizo by'abantu. Icyo basabwa ni ukwisunga Umwami, we gisubizo cy'abantu. Dukwiriye kubanza kuba abakene mu mitima niba dushaka gufatanya na Yesu kuba igisubizo cy'abantu. Mu ijambo rimwe icyo Abakene mu mitima bivuga ni: "Guca bugufi"

" Hahirwa Abashavura"

Inyifato ya kabiri ni: "Hahirwa abashavura." (Matayo 5:4) Icyo iyi nyifato ishatse kuvuga, ni uko tudashobora gusubiza ibibazo by'abantu bababaye tutabanje ubwacu kubabara, ikindi gisobanuro

gishoboka kuri iyi nyifato ni: "Dushavura iyo tumenye ko turi abakene mu mitima cyangwa tumenye ko nta cyo twishoboreye ubwacu."

" Hahirwa Abagwaneza"(Aboroheje)

"Abagwa neza" bavugwa hano ni ryo jambo ntekereza ko rigora abantu kumva muri Bibiliya. Ntabwo risobanura "intege nke, cyangwa kutirwanaho, ahubwo bivuga "kuganduka byimazeyo, kuyoboka byimazeyo."

Dufate urugero rw'impfizi y'ifarashi itari yigera yambikwa umugozi mu kanwa no mu mutwe, cyangwa ngo ishyirweho umusego ku mugongo wayo, Iba igifite imbaraga zayo zose uko zakabaye kandi yigenga. Iyo nyamanswa iramutse yemeye kwambikwa umugozi mu kanwa, mu mutwe, umusego ku mugongo wayo ikayoboka, ni cyo gisobanuro cyo kugwa neza "Meekness."

Yesu ubwe yavuze ko yoroheje mu mutima (Matayo 11:28-30), bisa n'ibyo yavuze kandi mu butumwa bwiza bwa Yohana agira ati: "Mpora nkora ibyo Data ashima"(8:29b). Yesu yari yaremeye kumvira no guca bugufi mu maso ya se. Ibyo ni byo yise kugwa neza; kuba uworohereje. Muri iyi nyifato, Yesu arimo aratubwira ati: "Muzabasha gusubiza ibibazo by'abantu, nimuramuka mumenye kugandukira Imana, mwumvira, mukora ibyo Imana ishaka atari ibyo mushaka.

" Hahirwa Abafite inzara n'inyota byo gukiranuka"

Icyo iyi nyiifato utwigisha ni uko tugomba kugira inzara n'inyota byo gukiranuka atari inzara n'inyota byo kwinezeza. Reba ukuntu Yesu aca akarongo ko abagishwa bagomba kuba abakiranutsi ubwo yari kuri wa musozi. Ikigeretse kuri byo, Yesu yongeye kuvuga ko hahirwa abarenganyirizwa gukiranuka, ikintu cya mbere Abigishwa ba Yesu bari bakwiriye guharanira ni ugukiranuka, kandi uko gukiranuka kukaruta ukw'Abafarisayo n'Abanditsi (Matayo 5:10,20; 6:33).

" Hahirwa Abanyembabazi"

Ijambo "Imbabazi" risobanura (urukundo rudafite icyo rushingiyeho). "Hahirwa abafite urukundo rw'Imana rubuzuye ari rwo rwitwa AGAPE." Niba ushaka kuva ku musozi ukamanuka ugiye gufasha abababaye, ugomba kuba wujuje urukundo rw'Imana. Gukiranuka byuzuye bingana no kugira urukundo rw'Imana rwuzuye muri wowe.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

" **Hahirwa Abafite imitima iboneye"**

Ijambo "Kubonera" mu rurimi rw'ikigiriki ni "Catharsis" bisobanura "Gutungana ku mutima." Iyi nyifato, isaba ko abigishwa buzura urukundo rw'Imana rutarobanura, ku buryo uwaba agifite ibituma umutima we utabonera bivaho, umutima w'umwigishwa ukaba uboneye rwose.

" **Hahirwa Abakiranura"**

Ukiranura aba ari umuhuza. Ikibazo nyamukuru abantu bababaye baba bafite ni ihezwa no kutitabwaho. Byinshi mu bibazo abantu bakunze kugira ni ukuba kure y'Imana n'abantu ntibabiteho. Ni yo mpamvu Yesu asaba abagishwa be gukora umurimo wo kunga abantu n'Imana n'abantu n'abandi.

Intumwa Pawulo we, yumva intego nyamukuru ya misiyo Yesu yahaye abigishwa n'abamwizera ari ukunga abantu n'Imana. Tugomba gusohoka tukabwira abantu tuti: "Imana irashaka kwiyunga namwe muri Kristo, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo ngo mwiyunge n'Imana." (2abakorinto 5:20).

" Hahirwa Abarenganywa"

Wumvise iri jambo watekereza ko haramutse hari abantu barenganywa bahorwa gukiranuka bagombye gusingizwa n'abatuye isi bagira bati muri abanyamahirwe. Iyi nyifato ya munani utubwira ko abigishwa ba Yesu bazarenganywa.

Abigishwa barenganirijwe gukiranuka, iyo bahuye n'abantu bahuye n'akarengane, babasha kubafasha byoroshye, kuko iyo abababaye bumvise ibyo abigishwa banyuzemo, bibatera kwihana no guhinduka bakiga gukora neza.

Icyakora hari abatemera kubigiraho, ahubwo bakarwanya abigishwa ba Yesu. Mu myaka ibihumbi bibiri ishize uku kurwanya abigishwa bashakaga kunga abantu n'Imana kwabaye kwinshi.

Ushaka kunga abantu n'Imana ajya ahari amakimbirane (intamabara), kandi aho hantu hakunze kuba hateye ubwoba. Abigishwa ba Yesu nyakuri batanze n'ubu baracyanga ubuzima bwabo bazana abantu kuri Yesu bakabunga n'Imana. Abagishwa nyakuri na none, bakora umurimo wo (gukiranura) gukemura ibibazo mu ngo, mu itorero, mu baturanyi, mu mashuri no mu kazi aho bakora.

IGICE CYA GATANDATU

Uko Isomo Rishyirwa Mu Bikorwa.

Yesu akomeza yerekana uburyo twasa nawe mu myifatire yifashishije amagambo ane y'ikigereranyo agira ingaruka nziza ku batizera. Yesu yabwiye abigishwa ko, bo ubwabo ari: "*umunyu w'isi, umucyo w'isi, umudugudu wubatse ku mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha. Ntabwo wakongeza itabaza ngo baritwikirize intonga" (Matayo5: 13-16).* Aya magambo ane (azimije) ni yo atangiza ishyirwa mu bikorwa y'inyigisho ya Yesu yatangiye kuri wa musozi. Tugiye kureba buri jambo muri aya ane uko akurikirana:

"Muri Umunyu w'isi"

Impamvu Yesu yatanze urugero rw'umunyu ni uko mu gihe cye ari wo wonyine washoboraga kurinda inyama kubora. Yesu yari arimo kubwira abigishwa ati: "Isi irimo kubora" kandi abigishwa ni bo munyu wo kurunga isi ngo itabora mu buryo bw'Umwuka n'imitekerereze. Umwimerere w'iri jambo ni: "Ni mwe gusa munyu w'isi."

Ubundi busobanuro bw'iri jambo, ni uko ibintu byose bifite ubuzima bikenera umunyu. Mu yandi magambo, Yesu yari arimo kubwira abigishwa ati aho bantumye muri rubanda nta buzima bafite, ariko nimubaho mukurikije indangagaciro umunani z'abahiriwe bo Yesu yavugiye kuri wa musozi, muzaba umuyoboro w'abantu bazaboneramo ubuzima.

Muri Umucyo w'isi

Ubwo Yesu yarebaga iteraniro ry'abantu benshi, icyamuteye impuhwe cyane kurenza ikindi, ni uko bari bameze nk'intama zitagira umwungeri. Ntibari bazi gutandukanya indyo n'imoso. Kuko mwe muzi ibyo bo batazi, ni mwe mucyo bakeneye. Nongere mbibutse ko umwimerere w'iri jambo ari: "Ni mwe mwenyine mucyo w'isi", itabaza. Icyo Yesu yari agendereye muri iri jambo "Itabaza", ni ukubwira abigishwa ko mbere y'uko bahamagarirwa kuba ibisubizo, bari amatabaza adacanye. None ubwo "bavutse ubwa kabiri" bakaba abigishwa banjye, amatabaza yabo yaratse. Igihe cyose nkongeje itabaza, ntegura n'igitereko cyaryo, mu mwanya ugikwiriye. Yesu aravuga ngo: "Muri amatabaza ateretse ku gitereko cyayo."

Umudugudu wubatse mu mpinga y'Umusozi

Isomo rya kane ni umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi utabasha kwihisha. Turamutse dufite mu buzima bwacu izi ndanga-

gaciro umunani Yesu yavugiye ku musozi, ubuhamya bwacu ntibwatwikirwa.

Akanyamasyo ku bikingi by'Amarembo

Ese wari wigera ubona akanyamasyo hejuru y'ibikingi by'amarembo? Uramutse ubonye akanyamasyo hejuru y'ibikingi by'amarembo, uhita wibwira udashidikanya ko hari uwakazamuye hejuru y'ibikingi kubera ko akanyamasyo ubwako kadashobora kurira. Umwigishwa wa Yesu nyawe yagombye kwiyumva nk'akanyamsyo hejuru y'ibikingi. Twagombye kureba hirya no hino, tukamenya neza aho dutegetswe kuba muri iy'isi, twibuka ko turi amatabaza ari mu mwanya wayo kandi turi umudugudu wubatswe mu mpinga z'umusozi, tuvuga tuti: "Ndi aho ndi uyu munsi, kubera ko Kristo wazutse yahanshyize kugira ngo mfatanye nawe kubera abababaye igisubizo muri iyi si."

Yesu akomeza kuvuga uko Isomo rishyirwa mu bikorwa

Yesu akomeza avuga uburyo isomo ryashyirwa mu bikorwa muri iki gice gikomeye kuruta ibindi cy'ikiganiro cye. (Matayo 5:17-48). Yatangijanyije iki gice interuro ebyiri z'ingenzi zikurikira iya mbere ari zo: *"Ntabwo naje gukuraho amategeko ahubwo naje kuyasohoza."* Interuro ya kabiri ni: *"Nimutagira gukiranuka kuruta ukw'abafarisayo n'abanditsi ntimuzinjira mu bwami bw'Imana." (Matayo 5:17-20).*

Witegereje neza, muri iyi nkuru ndende y'igice cya gatatu cya Matayo, Yesu yasubiyemo incuro esheshatu ijambo *"Mwumvise ko byavuzwe ngo…ariko jye ndababwira…" (Matayo5:21-48).* Incuro nyinshi, Yesu yagiye yifashisha Isezerano rya Kera, ariko kuri iyi ncuro ntabwo yari arimo kuvuga ibyo Mose yanditse ahubwo, yasobanuraga ko inyigisho z'abanditsi n'Abafarisayo zidahura neza n'icyo Mose yashakaga kuvuga cyangwa se Ijambo ry'Imana. Nubwo hari igihe Yesu yavugaga ku byo Mose yanditse, ariko ntiyemeranyaga n'Abafarisayo uburyo babisobanuraga.

Isomo dukuramo hano ni uko: "Ibyo wigisha byose bigomba guhamanya n'Ijambo ry'Imana, cyangwa se inyigisho zawe zigahabana n'iz'Abafarisayo n'abanditsi."

Muri iki gice cy'ikiganiro cye, Yesu yahinyuye inyigisho z'Abafarisayo n'abanditsi ndetse n'abayobozi b'idini ry'Abayuda. Yagiye ahinyura inyigisho zabo kugeza aho basanze bo na Yesu batakomeza kubana bahitamo kumubamba.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Icyo Ibyanditswe Bigendereye

Itandukaniro nyamukuru ry'uburyo Yesu n'abayobozi b'idini ry'Abayuda basobanuraga ibyanditswe no kubyubahiriza, ni uko mbere y'uko Yesu asaba abantu kubahiriza amategeko y'Imana, yabanzaga gusanisha amategeko n'urukundo rw'Imana. Mu gihe abanditsi n'abafarisayo iyo bigishaga amategeko, ntibasobanukirwaga cyangwa ngo bibuke intego y'ibyanditswe cyangwa bamenye impamvu Imana yahaye Mose amategeko ku musozi wa Sinayi. Byari mu nyungu z'abantu b'Imana kugira amategeko.

Amategeko yari igisobanuro cy'urukundo rw'Imana ku bantu bayo. Yesu ntiyigeze ajya kure y'intego y'amategeko. Icyo ni cyo Yesu yari arimo gusaba abigishwa be kuzirikana no kutibagirwa ubwo bazaba bagiye muri rubanda bavuye kuri wa musozi. Yari arimo gutoza abigishwa uko bakwiriye kwigisha abantu kubahiriza amategeko niba koko bashaka kuba umucyo w'isi.

Imyifatire Hagati Y'abantu

Amaze kuvuga aya magambo ajyanye n'umumaro wo gusobanukirwa ibyanditswe mu buzima bw'abigishwa, Yesu yaberetse noneho uko inyigisho ze zikwiriye kumera mu mibanire yabo. Isano rya mbere riri hagati y'umuvandimwe na mugenzi we, hagati y'umwigishwa n'undi. Ni byiza kumenya ko hari igihe Yesu adusaba "kubanza bagenzi bacu hanyuma Imana ikaza ku mwanya wa kabiri." Uku kubanza bagenzi bacu mbere y'Imana bitwereka ko Yesu aha agaciro ubusabane hagati y'abantu.

Ntidushobora kwigarurira isi twebwe ubwacu tudahuje. Yanabigishije uko bagomba kwitwara ku bo bafitanye amakimbirane. Turi mu isi y'amarushanwa kandi umwanzi wacu ni we duhanganye (Matayo 25-26). Hari icyo yavuze ku bijyanye n'igitsina gore (Matayo 27-30). Kuba ntacyo yavuze ku bijyanye n'igitsina gabo, twahamya ko wari umwiherero w'abagabo gusa. Hari abantu bumva uyu murongo nabi: ntabwo Yesu yari avuze ko gutekereza gusambana bingana no gusambana. Icyari kigenderewe, kwari ugusaba abizera gutsinda igishuko kikiri mu kureba no mu bitekerezo.

Yesu avuga isano hagati y'abashakanye (Matayo 31-32). Yababwiye ko umugabo n'umugore bagomba kubana akaramata. Imwe mu mpamvu ituma abashakanye basaba ubutane ni ugucana inyuma. Iyo hari icyorezo cy'ubutane haba hari icyorezo cyo gusenyuka kw'ingo bikagira ingaruka mbi ku bana babo. Bimwe mu bibazo bibabaje biri

muri rubanda ni uko abagabo batsindwa n'ibishuko (Ubusambanyi). Yesu yabivuzeho ku murongo wa 5:27-30 wa Matayo.

Yesu yababajije nanone kudaherekeresha ukuri kwabo indahiro nk'uko Abafarisayo babikoraga. Niba ari "Yego" ni "Yego" niba ari "Oya" ni "Oya". Ntibagomba kuba bazi ibyanditswe gusa, ahubwo bagombaga guha agaciro ibyo bavuga ubwabo, bakaba abo kwizerwa (Matayo 5:33-37).

Imyifatire Iruta Indi (Matayo 5:38-48)

Yesu asoza ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nyigisho aduha "imyifatire iruta indi yose yatanze." Muri iyi mirongo isoza, ni yo irimo imyifatire nyamukuru y'inyigisho z'idini iryo ari ryo ryose. Iyi nyigisho, yabaye ishingiro ryo kwihanganira urupfu kw'intumwa ndetse n'abandi bigishwa ba Yesu b'ibihe byose batagira ingano. Iyi mirongo yagiye ifatwa nk'ikubiyemo inyigisho za Yesu zikakaye cyane kuruta izindi. Ebyiri muri izo nyigisho ni izi: ***Kutirwanaho igihe baduhohoteye nabi no Gukunda abanzi bacu.***

Mwibuke ko Yesu atatanze izi nyigisho mu kivunge muri rubanda ahubwo yazihaye bake bari kumwe na we kuri wa musozi ari bo bigishwa be. Abigishwa bari bariyemeje kumukurikira ndetse no gupfa ku bwe (Luka 9:23). Yaberuriye ko abiyemeje kumukurikira bagomba kwikorera umusaraba bakamukurikira. Igihe Yesu yabasabaga "kutirwanaho" no "gukunda abanzi babo", byanganaga no kubabwira ko: igihe cyose, aho ariho hose, mu buryo ubwari bwo bwose bashoboraga gupfa ku bwe.

Mu gihe cy' "Intambara ntagatifu" ahagana mu 1220, umukozi w'Imana witwaga, Francis of Assisi yari arimo kuvura umunya Turukiya w'umu isilamu barwanaga wari wakomerekeye ku rugamba, mugenzi wa Francis of assisi wari ku ifarasi abibonye, aramubwira ati: "Uwo munyaturikiya urimo kuvura aramutse akize, ni wowe yakwica mbere." Francis asubiza mugenzi we ati: "ntacyo bitwaye, kuko n'ubwo yanyica, yaba yabanje kumenya urukundo rwa Kristo."

Ipfundo ry'iri somo ni ikibazo Yesu abaza ati: "Ni iki murusha abandi?" (Matayo 5:47). Uko biri kose muri iyi nyigisho, icyo Yesu agendereye ni ugusaba abagishwa be "Kugira itandukaniro n'abandi". Hari aho agira ati: "*Niba mukunda ababakunda, mwaba murusha iki abatizera?" "Nta na kimwe rwose"* Itorero rya mbere ryagiriwe ubuntu ku munsi wa Pentekote ubwo Umwuka Wera yabamanukiraga ubatera kugira itandukaniro n'abandi (Ibyakozwe n'intumwa 2); natwe dukeneye imbaraga z'Umwuka Wera

kugirango ngo tugire iyi myifatire iruta iyindi ari yo gukunda abanzi bacu.

IGICE CYA MUNANI

Imyifatire Ya Gikristo Mu buryo Butatu.

Ubwo Yesu yigishaga kuri wa musozi, yabasabye gusubiza amaso inyuma bakareba indangagaciro n'imitekerereze biyobora ubuzima bwabo. Mu nyigisho ndende ya Yesu yakurikiye abahiriwe umunani, yabasabye kureba uburyo izi ndangagaciro zaganza ubuzima bwabo n'imibanire hagati yabo. Abigishwa bitabiriye Umwiherero kuri wa musozi bamaze kumva uburyo bakwiriye kubana ubwabo cyane cyane uko bagomba kwitwara ku banzi babo, basanze ari ngombwa cyane ko bita ku myifatire ya gatatu tuza kubona Yesu abasangiza.

Iyo dusomye iki gice cya gatandatu cya Matayo, dusanga Yesu yarasabye abigishwa be gukora ubushakashatsi ku myifatire n'indangagaciro bya gikristo zikwiriye umwigishwa nyawe wa Yesu. Ijambo "Discipline" "imyifatire" n'ijambo "Disciple" "umwigishwa", bifite inkomoko mu ijambo rimwe, muri iyi myifatire uko ari itatu, Yesu asaba abagishwa be kuyigira ubuzima, no kubikora mu buryo buboneye hatarimo uburyarya.

Abafarisayo bagiraga gukiranuka kuzuye uburyarya kuko bakundaga gushimwa n'abantu. Yesu rero yasabaga Abigishwa be gukiranuka kutaryarya, gushimwa n'Imana. Ubu ni bwo busobanuro bw'ijambo Yesu yavuze ko nibatagira gukiranuka kuruta ukw'Abafarisayo n'Abanditsi batazinjira mu bwami bw'Imana. (Matayo 5:20).

Imyifatire Yo Gutanga (Discipline) (Matayo 6:1-4)

Imyifatire ya mbere Yesu yigishije, muri iki gihe twayita "Imari." Ubuzima bwacu bw'Umwuka no kubaho kose bigengwa n'ibikorwa dukoreshwa no kwizera. Gutanga kwacu gukwiriye, gukorerwe mu mwiherero kandi bimenywe n'Imana yonyine, tutagendereye gushimisha abantu. Tugize icyo duha Imana ntabwo ari ngombwa ko hagira ubimenya keretse yo.

Imyifatire Yo Gusenga-Kuganira N'Imana (Matayo 6:5-15)

Ntabwo ushobora gukunda abanzi bawe, cyangwa kugira uruhare mu gutanga umuti muri rubanda bafite ibibazo utazi gusenga. Yewe, n'ibibazo byawe bwite ntiwabyikemurira utazi gusenga. Ni yo mpamvu Yesu yabigishije uburyo bwo gusenga.

Ikintu cy'ingenzi muri iri somo ni ukumenya neza mu gihe cyo gusenga ko ari Imana turimo tubwira atari abantu. Ni cyo gituma

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Yesu avuga ngo: "Wowe n'usenga ujye winjira mu nzu ukinge urugi kuko nta muntu wundi tuba dushimisha uretse Imana." Ku bwa Yesu, amasengesho wihererereye wenyine n'Imana, aruta akorewe mu ruhame kuko yasezeranye ko So wo mu ijuru ureba ahihererereye azagororera kandi agasubiza amasengesho yakorewe mu mwiherero.

Ni muri ubu buryo Yesu yakurikijeho isomo riruta ayandi muri iyi si ku bijyanye n'uko tugomba gusenga. Ubu bwoko bw'isengesho bwitwa "Isengesho ry'abigishwa." Iri sengesho rigizwe n'ibice birindwi nyuma ya Data wa twese uri mu ijuru, hagakurikiraho ibice bitatu by'isengesho byibanda ku kuramya Imana: Izina ryawe ryubahwe, ubwami bwawe buze, ubushake bwawe bube, igitangaje; incuro imwe yonyine ni bwo dusenga dusaba "Uduhe ifunguro ry'uyu munsi."

Tubonye ko muri ibi ibice bitatu by'isengesho bibanza "Imana ari yo ifata umwanya wa mbere." Gusenga ntabwo ari ukujya imbere y'Imana tujyanye urutonde rw'ibyo dukeneye tugatuma Imana kubituzanira. Ahubwo tugomba kuza imbere y'Imana n'imitima ikingutse tugategereza icyo Imana itubwira gukora ku bwayo. Iyo tubanje Imana mw'isengesho ryacu, noneho dushobora gukurikizaho ibyifuzo byacu bitureba ari byo ibi bikurikira "Uduhe...,Uduharire.., Ntuduhane…ahubwo uturinde umubi."

Igice cya mbere cy'isengesho kijyanye n'ibyifuzo byacu ni: "Uduhe ifunguro ryacu ry'uyu munsi" (Matayo 6:11). Ibyo kurya bihagarariye ibyo dukeneye byose. Ibi byo kurya dusaba ni iby' "umunsi gusa" hanyuma tugasenga tuti "Uduharire". Yesu ntabwo adusaba kubabarira byo gupfa kubabarira ahubwo adusaba kubabarira kubera ko twababariwe. Ni gute twananirwa kubabarira abandi mu gihe twababariwe ibirenze? Tuzamenya neza icyo imbabazi ari cyo, nitubabarira nk'uko Yesu yatubabariye.

Igice cy'iri sengesho gikurikiyeho ni: "Ntuduhane mu bitwoshya." (6:13), iri sengesho risa nk'aho rivuga ngo: "Data, nuyobora intambwe zanjye, nanjye nkagukurikira, ntabwo nzagwa mu bishuko." Igice cya kane cy'iri sengesho ni: "Uturinde umubi." (6:13).

Yesu atwigisha ko tugomba gusoza isengesho uko twaritangiye twongera kubanza Imana. Dusoza iri sengesho duhamya ko "Imbaraga zo gusubiza amasengesho yacu zizava kuri yo, duhamya ko ubwami buzahora ari ubwe, duhamya ko icyubahiro kizahora kiyigarukira."

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Imyifatire Yo Kwiyiriza Ubusa (Matayo 6:16-18)

Cyo kimwe no gutanga no gusenga, Yesu aratubwira ko kwiyiriza ubusa na byo bigomba kuba ibanga (6:16-18). Kwiyiriza ubusa, imbere y'Imana no mu maso yacu ubwacu bisobanura ko duhaye agaciro "iby'umwuka kuruta iby'umubiri."

Ku bwa Yesu, kwiyiriza ubusa byerekana kumeneka k'umutima w'usenga. Hari amasengesho adashobora gusubizwa keretse habayeho kwiyiriza ubusa no gusenga (17:21).

Aho Ubutunzi Bwacu Bukwiriye Kuba (6:19-34)

Muri iri somo, Yesu arimo kwigisha abigishwa be indangagaciro z'ijuru. Yesu abahanura ababwira ko impamvu abantu bakunze guhura n'ibibazo ari uko batagira indangagaciro z'ijuru. Kugira ngo abigishwa babashe kubera rubanda igisubizo, bagomba kuba bafite indangagaciro z'ijuru ziboneye nk'iza Kristo. Hari ubutunzi mu isi n'ubutunzi mu ijuru. Abigishwa be ntibagomba kwibikira ubutunzi bwabo mu isi aho ingese n'inyenzi ziburya n'abajura bakabwiba, ahubwo bagomba kubika ubutunzi bwabo mu ijuru aho ingese, inyenzi n'abajura batagera. Byari ngombwa ko Yesu abwira abigishwa be indangagaciro zibakwiriye muri iki gihe.

Incamake y'iri somo iragira iti "Niba ushobora kumenya indangagaciro z'ijuru zawe, subiza amaso inyuma urebe aho washoye amafaranga yawe mu myaka itanu ishize, urebe n'uko wakoresheje igihe cyawe muri iyo myaka."

Umutima wawe uba aho ubutunzi bwawe buri. Niba ukeneye kumenya icyo ubutunzi bwawe ari cyo, ibaze ibibazo bikurikira: "Ukoresha ute amafaranga yawe n'igihe cyawe? Ukoresha ute amasaha y'umunsi? Ni iki uhoza ku mutima umunsi wose? Ni iki wiganyira umunsi wose?" Ushatse kwikorera igenzura mu byo ukora, mu byo uharanira, n'ibikuraza ishinga, wahita umenya indangagaciro zawe.

Yesu asoza ikiganiro cye, yigisha abigishwa be ko indangagaciro z'ibanze kuri bo ari "Ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo".

Abafite inzara n'inyota byo gukiranuka baramutse bashyize indangagaciro z'ijuru imbere, Imana yabaha umugisha isubiza ibyifuzo byabo mu gihe bashyize Ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo imbere.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Kudacira Abandi Urubanza (Matayo 7:1-5)

Iyo dusomye igice cya karindwi cya Matayo, tubona ko Yesu yari arimo gusoza umwiherero wo kuri wa musozi. Muri iri somo, Yesu yasabye abigishwa be kwisuzuma, gusaba, gushaka no gukomanga, no kumenya ibibazo rubanda bafite. Ubwo yabasabaga gufata akanya bakisuzuma, yashakaga kubigisha ko "Udakwiriye kubona agatotsi kari mu jisho rya mwene so, ariko ntubone umugogo uri mu jisho ryawe." Twagombye gusaba Imana ikatumurikira tukamenya, mbere y'uko tujya kubwiriza rubanda tukabanza kuvanamo umugogo mu jisho ryacu. Yesu aradusaba kutaba indyarya zicira abandi imanza.

Gusaba, Gushaka No Gukomanga (7:3-5)

Mu gusoza izi nyigisho ze, Yesu arahamagarira abazumvise gufata umwanzuro wo gushaka bakabona. Indangagaciro y'iyi nyigisho ni uko abigishwa bagomba kudacika intege mu gihe "Basaba, bashaka, n'igihe bakomanga", kuko usaba ahabwa, ukomanga ashyizeho umwete yisanga imbere y'urugi rukinguye." (Luka 11:9-13).

Kumenya Ibibazo Bigukikije (7:12)

Mu gihe abumvise inyigisho ze bari hafi kuva kuri wa musozi, Yesu yabahamagariye gutera intambwe bakamenya ibibazo abantu bari impande zabo bafite. Iyi nyigisho ni "Umurongo ntangarugero."

Uyu murongo mugufi tugiye kureba, ni incamake ku myifatire y'inyigisho za Yesu, n'urugero rwiza ku nyigisho dusanga muri Bibiliya.

Icyitonderwa muri iri somo: niba ushaka kuba umunyu n'umucyo abantu bihebye muri iyi si bakeneye, ujye wishyira mu mwanya w'umuntu wese muhuye abababaye, maze wibaze iki kibazo: "Iyo uwo muntu yari kuba ari wowe ni iki wari kwifuza ko umwigishwa wa Yesu wumvise amagambo ye ku musozi nk'ayo wumvise yakumarira? N'ubona igisubizo kuri icyo kibazo, uzabe ari cyo nawe ukorera abandi. Dore inyigisho y'ingenzi muri Bibiliya yose ku bijyanye n'imibanire hagati y'abantu. "Icyo wifuza ko abantu bakugirira abe ari cyo nawe ubagirira."

Mu gushyira mu bikorwa iri jambo, ishyire mu mwanya w'uwo mwashakanye, abana, ababyeyi, abavandimwe, na bene so muri Kristo. Ngaho fatira urugero kuri aba bantu bose bakora ku buzima

bwawe. Iyo uza kuba aba bantu "Ni iki wari kwifuza ko wabakorera?

Noneho uyu mukoro wukore ku bantu batarakizwa, batarigera basogongera ku by'agakiza, maze wibaze uti "Iyaba nari uyu muntu, ni iki nari kwifuza ko umwigishwa wa Yesu ankorera?" Nubona igisubizo, ba ari cyo ukora kuko ari cyo gikenewe mu ivugabutumwa.

Uri Mu Ruhe Ruhande? (7:13-27).

Ubwo Yesu yatangiraga uyu mwiherero wo ku musozi, ikibazo cyari iki: "Uri mu bafite ibibazo bikeneye ibisubizo cyangwa uri mu batanga ibisubizo?" Mu gusoza nanone, ikibazo cya Yesu cyakomeje kuba iki tumaze kubona, uretse ko asoza, abo babonye atanga inyigisho ku musozi bari bamaze kwiyemeza gufatanya na Yesu kuba ibisubizo bya rubanda rubabaye. Mu gusoza nanone, yagize ati "Ugiye kugira uruhare mu gukemura ibibazo mu buhe buryo?"

Abumbira hamwe inyigisho ze zo ku musozi, Yesu yasoje agira ati: "Hari abigishwa b'uburyo bubiri, abanyura mu irembo rigari n'abanyura mu irembo rifunganye, ab'ukuri n'ab'ibinyoma, abavuga amagambo gusa n'abakora ibyo bavuga. Abanyura mu irembo rigari batekereza ko hari uburyo bworoshye bwo gusubiza ibibazo bya rubanda babaye kandi badashobora kugira uruhare mu kubikemura. Naho abanyura mu nzira ifunganye bamenya ko kuba umunyu n'umucyo w'isi bitangirana no kunyura mu irembo rifunganye no guca bugufi no kunyura mu buzima bugoye bw'umwigishwa wa Yesu. Ese uri muri uyu mubare munini unyura mu irembo rigari cyanga uri mu mubare muto w'abanyura mu irembo rifunganye? Urumva ugiye kuba umwigishwa w'ibinyoma cyangwa ugiye kuba umwigishwa w'ukuri ugiye gufatanya na Yesu gutanga umuti w'ibibazo muri rubanda? Ese wifuza kuba umwe mu bavuga amagambo gusa cyangwa kuba umwe mu bakora ibyo nabigishije kuri wa musozi?"

Yesu yatanze urugero rukomeye ubwo yari arimo gusoza ikiganiro cye kuri wa musozi ubwo yendaga gusezerera abigishwa yabashyize mu byiciro bibiri. Yesu yatanze urugero rw'inzu ebyiri: Iyari yubatse ku rutare igereranya (abigishwa bumva amagambo ye bakayakomeza), n'indi yari yubatse ku musenyi igereranya (abigishwa bumva amagambo ye ntibayakomeze). Bose bumvise amagambo ya Yesu, bamwe (abapfu) ntibigera bakora iby'iryo jambo bumvise. Abandi (abanyabwenge) ,barumvise kandi bakora iby'iryo jambo uko ryakabaye. Umusozo w'iyi nyigisho aho

ukomereye, ni uko itandukaniro ry'abigishwa ari icyo bakora ku byo bamenye kandi bumvise. (Matayo 7:24-27).

Umaze kugenzura no gusesengura iyi nyigisho, ugiye kuba umwigishwa wa Yesu umeze ute? Ni iki ugiye gukora ku byo wamenye (wakomeje)?

IGICE CYA CYENDA

Yesu Atuma Abigishwa Be

Nta mubare uzwi w'abigishwa bitabiriye umwiherero wa mbere wa gikristo ku musozi, icyo tuzi gusa, ni uko Yesu akimara gusoza inyigisho ye, Yesu yahinduye abigishwa kuba intumwa ze, Yesu amaze guhindura abigishwa be kuba intumwa, yabatumye kwamamaza ubutumwa bwiza ku isi yose bavuga iby'agakiza yazanye mu isi.

Nk'uko twabibonye mbere, uramutse umenye ko ufite imyaka itatu gusa yo gutangira no kurangiza misiyo yawe, wabikora ute? Yesu yari azi neza ko afite imyaka itatu gusa ni yo mpavu yatoranije intumwa kumuhagararira no kugeza agakiza ku batuye isi. Intumwa zamamaje ubutumwa bwiza mu buryo bukwiriye mu gihe cyazo. Ibinyejana bitanu byakurikiyeho nyuma yo kohereza abigishwa guhindura isi, nta washoboraga kubona akazi mu bwami bw'Abaroma bwose atabanje kugaragaza ko ari umukristo. Ni muri ubwo buryo natwe dusabwa kwitanga tukageza ku isi yose ubutumwa bwiza bwa Kristo tubereye intumwa.

Ibyiciro By'intumwa

Yesu yakesheje ijoro ryose asenga, mbere y'uko atoranya intumwa. (Luka 6:12-13). Intumwa enye yatoranije bwa mbere, babiri babiri bari abavandimwe. Petero na Andereya cyo kimwe na Yohana na Yakobo. Aba uko ari bane bakoreraga hamwe umwuga wo kuroba.

Filipo na Barutoromayo bakunze kuza ku rutonde, Toma na Matayo na bo ni uko. Umwuga wa Filipo wari ubwikorezi akoresheje ifarashi, muri iki gihe yari kuba ari ikamyo za rukururana.

Iyo turebye urutonde rw'intumwa mu bitabo by'ubutumwa bwiza, dusanga Barutolomayo ari na we wari uzwi ku izina rya Natanayeli.

Toma yari umunyabwenge afite umutima wo gushaka kumenya bitarimo gushidikanya. Umuntu uteye utyo muri iki gihe bamwita "Toma" "udapfa kwemera." Matayo we yari umukoresha w'ikoro, yakoreraga ubwami bw'Abaroma, yaka abayuda bene wabo ikoro byatumaga bamufata nk'umugambanyi. Usanga kenshi mu bitabo

bw'ubutumwa bwiza "Abakoresha b'ikoro bagereranywa n'abanyabyaha" ntabwo ari uko abakoresha b'ikoro batari abanyabyaha, ahubwo bari abanyabayaha ku rwego rwabo rwihariye! Mu by'ukuri Abayuda bangaga abakoresha b'ikoro. Birashimishije kuba Yesu yaratoranije umukoresha w'ikoro kuba umwe mu ntumwa cumi n'ebyiri.

Amazina y'intumwa enye zisigaye uyasangana bamwe mu ntumwa twamaze kubona. Hari undi Simoni, usanga Simoni Petero. Uyu Simoni bamuhimbaga "Zeloti" yari atandukanye n'umuntu nka Matayo kubera ko yabarizwaga mu mutwe w'Abazeloti warwanyaga ingoma y'Abaroma cyane cyane ko Abayuda muri rusange bari barakandamijwe n'Abaroma. Muri iki gihe twamwita "Uharanira impinduramatwara."

Abasesenguzi ba Bibiliya bavuga ko batatu cyangwa bane mu ntumwa bakomokaga "mu Bazeloti". Kenshi njya nibaza icyo Simoni Umuzeloti na Matayo wari umukoresha w'ikoro bajyaga bavugana ubwo banyuraga i Galilaya, i Yudaya, i Yerusalemu ndetse n'i Samariya.

Ibaze nawe uko byari bimeze, ubwo Yesu yasabaga Matayo na Simoni Zeloti, kozanya ibirenge no gukundana! (Yohana 13:34-35).

Ku rutonde rw'Intumwa cumi n'ebyeri, hari undi Yakobo "Mwene Alifayo". Uyu ni we wakunze kwitwa "Yakobo muto" bikekwa ko yitwaga muto kubera ko yari mugufi cyangwa muto mu myaka (Mariko 15:40). Hari nanone ba Yuda babiri ku rutonde rw'Intumwa hari "Yuda mwene se wa yakobo", wari uzwi ku izina rya "Tadeyo" cyangwa "Lebaos" hakaba na Yuda Iscarioti wagambaniye Yesu.

Intumwa zagombaga kuvuga ubutumwa bwiza no kugaragarisha ubwami bw'Imana ibitangaza n'ibimenyetso. Bagombaga gukiza abarwayi, ababembe, kwirukana abadayimoni no kuzura abapfuye. Ikindi bagombaga kubwiriza ubutumwa bitanze, nta gihembo ahubwo bakizera Imana kuri buri kimwe cyose. Bagombaga kubeshwaho no kwizera.

Yesu yabwiye intumwa ze ko batazakirwa neza aho bazagera. Yagize ati: *"Dore mbatumye nk'intama hagati y'amasega" (Matayo 10:16)*. Yasaga n'ubabwira ati: "isi ntizabishimira igihe cyose muzumvira mugakora ibyo mbatumye." No muri iki gihe ni ko bimeze ku bamukorera by'ukuri.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

UMUKORO

Hari inyungu muri bubone kandi muraba muhirwa nimusubiza ibi bibazo bitandatu kuri izi ntumwa cumi n'ebyiri zabanye na Yesu mu gihe cy'imyaka itatu y'umurimo we ndetse akaza kuwubasigira.

- ✓ Ni iki yari arimo gukora ubwo yahuraga na Yesu?
- ✓ Kuba yarahuye na Yesu, ni iyihe mpinduka byagize?
- ✓ Yari he ubwo yapfaga?
- ✓ Ni iki yari arimo gukora ubwo yapfaga?
- ✓ Iyo usomye ibyanditswe ndetse n'ibindi bitabo by'inkuru, yapfuye uruhe rupfu?
- ✓ Kuki Yesu yamutoranije kuba Intumwa?

Yesu yasabiye intumwa kwitanga bikomeye ubwo yari mu mpinga z'umusozi kubera ko yari azi ko bagiye kuzahura n'akaga ndetse no gupfa bazira izina rye. Wihaye Yesu ku ruhe rugero? Ese uri umwigishwa nyawe wa Yesu? Urumva witeguye kwitanga ku rugero Intumwa zitanzemo?

IGICE CYA CUMI

Imigani Ya Yesu Muri Matayo

Igice cya cumi na gatatu cya Matayo, ni cyo cyiganjemo imigani ya Yesu yaciriye abigishwa be kurusha abandi mu butumwa bwiza. Ijambo umugani "Parabole" rifite inkomoko mu magambo abiri y'ikigiriki: "para" bivuga "impande ya", "ballo" risobanura "kunaga" ni yo mpamvu umupira kuba abakinnyi bawunaga witwa umupira "umupira" "ball." Umugani ni inkuru ijugunywe cyangwa inazwe ku ruhande runaka irimo ukuri kugenewe abakumva. Yesu yari umuhanga wo guca imigani.

Hari igihe cyageraga Yesu akigishiriza mu migani gusa. Imwe mu mpamvu zabimuteraga kwari ukugirango abategetsi n'abatambyi batumva amagambo ye yose bakayagira urwitwazo rwo kumufata. Abafite Umwuka Wera ni bo bonyine basobanukirwaga imigani ye. Kubera ko iyi ari incamake y'Ubutumwa Bwiza bwa Matayo, ndibanda gusa ku migani ya Yesu.

Umugani wa mbere Yesu yaciye ni uw'umubibyi: umuhinzi yasohoye imbuto ajya kubiba; akigenda, zimwe zigwa mu nzira (abantu bakandagiye cyane), izo mbuto zaguye mu nzira ntizigeze zishora imizi maze inyoni zirazitoragura.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Izindi mbuto zigwa ku kara, zitangiye kumera, zibura aho zishorera imizi kuko ubutaka butari burebure. Izuba rivuye ziraraba ziruma kuko zitari zifite imizi.

Izindi mbuto umubibyi yasohoye zigwa mu butaka bwiza hari amazi, maze zishora imizi ariko zinyohwa n'amahwa araziniga ntizashobora kwera imbuto.

Imbuto zanyuma umubibyi yasohoye zo zigwa ku butaka bwiza haba hejuru cyangwa munsi y'ubutaka. Zera imbuto, imwe mirongo itatu, indi mirongo itandatu indi ijana.

Iyo turebye uyu mugani wa mbere Yesu yaciye, twemeranya na we ko "Ari umugani w'umubibyi." Iyo ducukumbuye nanone uyu mugani, dushobora kuvuga ko "Ari umugani w'imbuto" kubera ko "ijambo" ari "imbuto."

Uyu mugani ni ingirakamaro cyane ku bijyanye n'ijambo ry'Imana n'ingaruka zaryo iyo ryigishijwe. "Mwite cyane ku buryo mwakira ijambo ry'Imana", nk'uko (Luka 8:18) abitubwira.

Ubwo Yesu yari amaze kubacira uyu mugani, yasobanuriye abigishwa bihereye iby'uyu mugani w'umubibyi wasohoye imbuto azibiba mu bwoko bune bw'ubutaka bisobanura uburyo abantu bakira ijambo ry'Imana mu buryo bunyuranye.

Iyo turebye uburyo Yesu yasobanuye iby'uyu mugani, dusanga inyito y'uyu mugani yakagombye kuba "umugani w'ubutaka." Turebye nanone icyo uyu mugani wari ugendereye, tubona ari uburyo abantu bumva ijambo ry'Imana.

Dusanga inyito yawo yari ikwiriye kuba: "uburyo bune bwo kumva ijambo ry'Imana." Kuko uyu mugani wibanda cyane ku buryo bune bwo kwita ku ijambo ry'Imana igihe nize cyangwa ryigishijwe.

Iyo ijambo rivuzwe, abagereranywa n'izaguye mu nzira, ntibajya basobanukirwa, imitima yabo ntikinguka, kumva kwabo kuragoye. Ijambo ntiribarengera ngo ryere imbuto.

Abagereranywa n'izaguye ku kara, bo imitima yabo ikingukira ijambo ry'Imana hanyuma "Bakinangira imitima" ari byo bisobanura ubutaka bukakaye bubuza imizi gushora. Bizera ijambo hanyuma ibigeragezo n'imibabaro byabageraho bagacika intege, bigatuma batera " imbuto".

Aba gatatu bagererenywa n'izaguye mu mahwa, ijambo muri bo rinyohwa n'ibibakikije bibagose bararikira: nk'ubutunzi bwo mu isi,

ibinezeza bindi by'ubuzima, ikindi kiryoha, ijambo muri bo no "Guha iby'isi umwanya munini" no kwiganyira bifuza ubutunzi cyangwa bahagaritswe umutima n'ubutunzi bwabo bafite. Muri uyu mugani, ibi byose tuvuye kubona nibyo mahwa anyoha ijambo. Uyu muntu umeze atyo ahora ari ingumba.

Mu buryo bw'umwuka, twavuga ko aba mbere bambaye "Ingofero ikakaye" abakabiri bafite "Umutima winangiye" aba gatatu barangajwe n' "Amhitamo" abagereranya n'izaguye mu butaka bwiza ni bwo buryo Yesu ashaka ko twese twumva ijambo ry'Imana tukar ikomeza. Nta kiri hejuru y'ubutaka cyangwa munsi yabwo gikwiriye kutubuza kwera imbuto. Iyi ni ishusho y'umuntu wiyemeje ko nta kiriho kivuye ahandi cyangwa ki muturutseho gishobora ku mubuza kwera imbuto.

Biyemeje ko nta kintu icyo ari cyo cyose kitabaturutseho gishobora kubabuza gusohoza umugambi w'Imana.

Nkuko Luka abivuga, bene nk'uyu "iyo abwiwe ijambo ry'Imana akaryakira neza mu mitima, akarikomeza bituma year imbuto" (8:15), na none, Luka akomeza avuga ko ishingiro ry'uyu mugani ari iri "Mwirinde uko mwumva ijambo ry'Imana."

Mu gihe ijambo ry'Imana rivuzwe cyangwa ribwirijwe, aba bantu uko ari bane baba bahari ndetse umwigishwa cyangwa umuvugabutuma ashobora kubamenya.

Abigisha n'abumva ijambo ry'Imana bakwiriye kwita kuri uyu mugani, mu gihe bumva cyangwa bigisha ijambo ry'Imana. Icyitonderwa cya mbere, ni ukubaza uti ubutaka bwa njye bumeze bute? Iyo ijambo rivuzwe rigwa mu butaka bumeze bute mu mutima wawe? Ese turyemerera kwera imbuto 100% cyangwa kwera imbuto mirongo itatu 30%?

Icyitonderwa cya kabiri ni uko abigisha bagomba kumenya ko ikibwirizwa cyangwa inyigisho bitanga umusaruro iyo byumvikanye. Kubera iyo mpamvu, bagomba gusenga ku buryo icyo abigisha n'ababwiriza butumwa bagendereye gicengereye mu mitima y'ababumva.

N'ubwiriza, uzabikore ku buryo abo ubwira basobanukirwa ijambo neza. Tugomba gusenga cyane kugira ngo Umwuka Wera aherekeze ijambo kandi afashe abumva gusobanukirwa ikibwirizwa.

Icyo dusabwa hano muri uyu mugani, si ukuba abigisha basanzwe bazi Bibiliya ahubwo no kuba abigisha bitanga ku bwa Kristo bakora iby'iryo jambo bifuza gucengeza mu mitima y'ababumva.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Ikitureba, ni ugutegura ijambo, kuribwiriza no kuryigisha dusenga ngo Umwuka Wera ahwezeshe amaso y'umwuka y'abatarumva kugira ngo babashe gusobanukirwa no kumva ijambo ry'Imana. Tugasenga ngo Umwuka ahe abigisha n'ababwumva impano yo kwizera n'ubushake bwo "Gukora iby'iryo jambo" kandi rigire umusaruro (Yohana 7:17, Abafilipi 2:13). Ubundi dukwiriye kwegera Imana ngo iduhe imbaraga, iziduhane n'abatwumva, kugirango tuneshe, dutsinde imbaraga zose ziturwanya muri iyi si, zishobora gutuma ibyo tubwiriza cyangwa twigisha bitagira umusaruro. Imana yonyine ni yo yabidufashamo, ni yo mpamvu mu gihe twiga ijambo, twigisha, tubwiriza, tuzirikana ko "Gusenga no gukorera Imana bidasigana" iteka byuzuzanya. (Ibyakozwe 6:4)

Umugani W'urukungu Mu Masaka (Matayo 13:24-30)

Uyu mugani mugufi ukora ku mutima, ni ubusobanuro nyabwo, n'inyigisho y'ingirakamaro Yesu yatanze kuko isubiza ikibazo cyagiye kigora abakurikira amasomo ya Bibiliya n'abiga Filozofiya uhereye igihe ayo mashuri yabereyeho. Icyo kibazo kigira kiti "Ikibi kiva he?" Mu yandi magambo, "ni kuki ibibi biriho muri iyi si yaremwe n'Imana y'urukundo kandi ishobora byose?"

Dore igisubizo Yesu yatanze muri uyu mugani: "Umwanzi wanjye ni we wabikoze abantu basinziriye". Inkomoko y'ikibi ituruka ku "mwanzi wanjye" no ku burangare bw'abantu. Birashoboka ko ubusobanuro Yesu yatanze yunganiye umuntu wanditse agira ati: "Ibya ngombwa byose bikenewe kugira ngo ikibi kineshe icyiza, biboneka iyo abantu beza badakoze inshingano zabo."

Muri uyu mugani "Imbuto" ntabwo ari ijambo ry'Imana rigwa ku butaka bwiza ari yo mitima y'abantu, ahubwo ni abana b'Ubwami batewe ku butaka bw'iyi si.

Dushobora kudasobanukirwa vuba vuba, ariko mu gihe cyose tumaze kumenya ukuri kuri mu mikorere y'umwanzi, bidutera kwibaza tuti: ni iki twakora kuri iki kibazo cy'urukungu? Yesu aravuga ko umurima we ari "iyi si" akaba ari yo mpamvu ahoza umutima kuri uyu murima, asaba abigishwa "Kwinginga Imana nyir'ibisarurwa ngo yohereze abasaruzi mu murima kuberako ibisarurwa byeze kandi abasaruzi akaba ari bake." (Matayo 9:37).

Uwitwa John Wesley we yasobanukiwe neza iby'uyu murimo wa Kristo maze agira ati "isi ni yo paruwasi yanjye" ntitugomba kwibagirwa ko "Iyi si ari wo murima w'Imana" ntabwo ari agace

gato k'isi ahubwo ni isi yose. Twagombye iteka gusobanukirwa ko urukungu n'amasaka bikurira hamwe muri iyi si.

Umugani W'akabuto Ka Sinapi N'uw' Umusemburo (Matayo 13:31-33)

Iyi migani migufi yombi Yesu yaciye, ukuri kwayo kwagiye kugaragara mu mateka y' Itorero. Nubwo ari imigani migufi, itwigisha ko ubwami bw'Imana (Itorero) butangira ari buto nk' akabuto ka sinapi hanyuma bukaguka bukaba igiti kinini cy'inganzamarumbo kandi nk'uko umusemburo utubura irobe ari ko ubu bwami bw'Imana buzaguka.

Yesu aca iyi migani yombi, yari arimo ahanura ko, ubwami bw'Imana buzaguka mu buryo butangaje nk'uko akabuto ka sinapi kabibwa ari gato kagakura kakaba igiti cy'inganzamarumbo cyangwa se nk'uko umusemburo utubura irobe ari ko ubwami bw'Imana buzaguka. Mu myaka ibihumbi bibiri ishize amatariki n'imyaka bishyingira kuri uyu mugabo witwa Yesu hafi ya hose ku isi.

Ibijyanye n'akabuto ka sinapi n'umusemburo, biracyafite umwanya wabyo muri iki gihe. Iyo turebye gukura kw'Itorero ndetse n'aho ryagiye ritotezwa uhabona ubusobanuro bw'iyi migani migufi yombi.

Cyo kimwe n'umugani w'umubibyi, inyoni ziza kwarika ibyari mu mashami y'iki giti, ni ikimenyetso kibi, kigereranya uruvange rw'abantu benshi biyitirira ubwami bw'Imana kandi bataburimo. Ikigendererwa cy'iyi inyigisho, ni uburyo ubwami bw'Imana burimo bwaguka n'uruhare abahungu n'abakobwa bo mu bwami barimo kubigiramo.

Nubwo ahanini umusemburo ari ishusho y'ikibi muri Bibiliya muri uyu mugani ho, umusemburo ni ishusho yo kwaguka k'ubwami bw'Imana muri iyi si. Iyaba umusemburo wari uhagarariye ikibi muri uyu mugani, ni ukuvuga ko ubwami bw'Imana bwari kuba bwarapfuye rwose. Byaba bihabanye n'icyo ijambo ry'Imana ritubwira ko icyiza kigomba kunesha ikibi, ko Imana yanesheje satani, kandi ko Kristo yegukanye intsinzi nk' Umwami w'abami n'Umutware w'abatware.

Umugani W'izahabu N'imarigarita (Matayo 13:44-46)

Iyi migani migufi yombi ni impanga, ni ikigereranyo cy'umunezero, cyo kwiyegurira Yesu ukamurutisha ibindi byose, Ubwami bw'Imana bukaza imbere y'ibindi byose. Isomo riri muri iyi migani

ni iri: "Niba Yesu hari icyo akumariye, Yesu akumariye byose, kuko Yesu akwiriye kuba ari byose kuri wowe, kugirango areke kuba utagize icyo akumariye."

Ntidushobora gusobanukirwa ubu bwami Yesu arimo kutubwira keretse dusobanukiwe ko ubu bwami ari cyo kintu cy'ingenzi mu byo twabonye muri iyi si. Ubwami bw'ijuru ni ubw'umunezero no kwitanga byimazeyo.

Iyi migani irimo kutubwira ko tutabasha kumva no gukunda ubu bwami keretse twemeye kugurisha ibyo dufite byose ku bwa Yesu, natwe ubwacu tukitanga byimazeyo ku Mwami mu bwami be.

Umugani W'imbabazi (Matayo 18:15-35)

Ikigenderewe muri uyu mugani, ni uburyo bwo gutanga imbabazi ku baduhemukiye. Petero yigeze abaza Yesu incuro umuntu agomba kubabarira uwamuhemukiye, umuco w'icyo gihe wasabaga kubabarira karindwi. Bikekwa ko ari iyo impamvu Petero yibanze ku mubare karindwi. Igisubizo Yesu yahaye Petero ni uko imbabazi zitagira umupaka. Igisubizo ni "Karindwi incuro mirongo irindwi" ni incuro umuntu atashobora guhariramo mu genzi we ku munsi ngo azirangize. Reka turebere hamwe ubusobanuro bw'uyu mugani muri ubu buryo bukurikira.

Umwenda munini uvugwa muri iki gice umuntu yahiriwe, ni ishusho y'ibyaha byacu Yesu yatubabariye. Agakiza twahawe, gakubiyemo guharirwa "Umwenda w'ibyaha byose twakoze."

Uyu umugani uhamanya neza n'isengesho ry'abigishwa. Yesu abigisha gusenga yagize ati: "Utababarire ibicumuro byacu nk'uko natwe tubababarira abaducumuyeho." Yongera kubabwira ati: "Nimutababarira ababacumuyeho na Data wo mu ijuru ntazababarira." Uyu mugani usoza ugira uti: "Ubwo Yesu yari ku musaraba, yishuye umwenda utari uwe, kubera ko umwenda twari dufite ntitwari gushobora kuwishyura ubwacu." Ntabwo tubabarirwa kubera ko twatanze ahubwo iyo dutanze imbabazi tuba twerekana ko twababariwe. Tugomba kubabarira abaducumuyeho, nk'uko Imana yatubabariye muri Kristo. (Abefeso 4:32, Abakolosayi 3:12,13).

Umugani W'ububasha (Matayo 11:22-23, 28-31)

Iyi ni imwe mu nkuru z'ingenzi cyane za Yesu. Ubwo yigiraga umuntu akaza muri iyi si, iha agaciro abantu bamaze kubaka izina muri rubanda, Yesu we yagaragaye nk'uworoheje cyane, ariko amenyekanishwa n'imirimo akora.

Itandukaniro rya Yesu n'Abafarisayo, ni uko Yesu yerekanaga uwo ari we mu bikorwa atari mu kwiyogeza. Yesu n'Abafarisayo ntibari

bahuje imikorere. Uko kunyuranya icyerekezo kwa Yesu n'Abafarisayo, ni ryo shingiro ry'uyu mugani mugufi.

Muri iki gice, abana bombi ibyo biyemeje si byo bakoze. Amagambo yabo yabaye impfabusa naho ibikorwa byabo byerekana abo ari bo. Ikigaragara mu mikorere y'Abafarisayo ni uko Yohana umubatiza na Yesu batari ibirangirire ku rwego rw'abayobozi b'idini b'icyo gihe. Mu magambo yabo, Yesu na Yohana ntabwo biyogezega abo bari bo ahubwo ibikorwa byabo ni byo byerekanaga ko batumwe n'Imana mu murima wayo ari wo iyi si.

Ku rundi ruhande, Abafarisayo bari bazi kuvuga ibyo badakora. Amakanzu n'indi myambaro y'idini Abafarisayo bambaraga, ku bwabo, ni byo byerekanaga ko ari abana b'Imana kandi bayikorera. Ariko wareba imirimo yabo, igahakana yo ubwayo ko atari Imana bakorera.

Ubwo Yesu yabazwaga aho akura ububasha, yabasubije ati: "Imirimo nkora igaragaza uwo ndi we." Natwe ubwacu kenshi turibeshya, tugatinda kumenya ko imirimo dukora ari yo ivuga abo turi bo atari imyanya duhagazemo. Biravugwa ko muri iki gihe ku isi hari miliyoni ebyiri z'abapastori. Muri bo, abakabakaba ibihumbi ijana ni bo bafite impamya bumenyi ku rwego rwa kaminuza mu iyobokamana. Birumvikana ko aba pasitori benshi bakeneye izi nyigisho zikubiye muri uyu mugani.

Ibikurikiyeho N'ibyuzuzanya N'uyu Mugani

Ubuzima Bwihariye Bwa Yesu

Yavukiye ahantu hacirikitse, yari umwana w'umugore utarize. Yakuriye mu ibarizo kugeza agize imyaka mirongo itatu. Agira imyaka itatu agendagenda hirya no hino mu gihugu aganira n'abantu akabatega amatwi kugira ngo abakemurire ibibazo.

"Ntiyigeze yandika igitabo na kimwe nta mwanya udasanzwe yari afite muri rubanda, ntiyigeze ajya mu ishuri, nta nzego z'igihugu yakoreye, nta rugo yari afite yewe nta n'inzu. Nta kintu na kimwe mu biranga abantu bakomeye yari afite, nta kidasanzwe yari afite uretse we ubwe.

Agize imyaka mirongo itatu n'itatu, rubanda rwaramuhagurukiye, inshuti ziramwihakana, maze aragambanirwa ngo yicwe. Amaze gucirwa urubanza rudakurikije amategeko kandi atarakoze icyaha, bamubamba hamwe n'abagome ku musaraba. Uretse umuntu umwe w'umunyabuntu wemeye kumuha imva ye, nta hantu hari hahari ho kumushyingura. Ibi byose byabaye mu binyejana makumyabiri

bishize, ariko kugeza ubu Yesu aracyafite umwanya wa mbere mu babayeho mu kuba icyitegererezo n'intangarugero ku rukundo rwe rwinshi. Ntabwo byaba ari ugukabya, umuntu avuze ko "Ingabo zose zo ku butaka, izirwanira mu kirere, izirwanira mu mazi, abategetsi n'abami babayeho kuri iyi si, bose ubateranije ntabwo bigeze bagira uruhare mu mibereho ya muntu ku rwego rwa Yesu. (Byavuzwe na Fred Bok).

Yesu Ajya I Yerusalemu Ahetswe N'indogobe

Abantu benshi bazi ko Yesu yagiye i Yerusalemu ahetswe n'icyana cy'indogobe mu cyumweru cya mashami kibanziriza gupfa kwe. Ese wigeze usoma icyo yakoze ubwo yari ageze i Yerusalemu? Yesu yakoze ibikorwa bibiri: Yavumye igiti cy'umutini, yirukana abagurira mu rusengero, ararweza. Ibi byateye Abafarisayo kugisha Yesu impaka nyinshi.

Isomo rikubiye muri iyi nyigisho, ni umugani uvuga uburyo umuntu yohereje abakozi mu ruzabibu gushaka imbuto (ibi ni ikigereranyo cy'ukuntu Imana yohereza abakozi bayo gushaka imbuto mu bwami bwayo), bahageze bimwa agaciro, bituma nyir'uruzabibu yohereza umwana we. Amwohereza, nyir'uruzabibu yizeraga ko bazamwubaha ariko mu mwanya wo kumwubaha baramwica.

Uyu mwana uvugwa muri uyu mugani nta gushidikanya ni Yesu. Amwe mu magambo akakaye Yesu yavuze, tuyasanga mu mpera z'iki gice aho Yesu akoresha imvugo izimije ariko aganisha ku bayobozi b'idini ry'Abayuda. Iyi mvugo izimije yari igendereye kubwira Abatambyi, Abafarisayo n'Abanditsi ko kubera batera imbuto z'ubwami bw'Imana, ubwo bwami bazabunyagwa bugahabwa ishyanga rindi rizashobora kwera imbuto z'ubwami.

Iyo turebye ibyabaye mu bice 10, na 11 by'Ibyakoze n'Intumwa, ubwo abanyamahanga bakizwaga bakiyunga ku Itorero, bitwereka icyo uyu mugani ugendereye ko ari ukutwigisha ko abantu b'Imana nibatubaka kuri Kristo we rutare ngo bace bugufi bameneke mu mitima yabo, urwo rutare (Kristo) ruzabagwira kandi ruzabamenagura rubagire ifu.

Mu byanditswe byera, igiti cy'umutini gishushanya Isirayeli. Iyo usanishije uyu mugani w'igiti cy'umutini Yesu yavumye, n'amagambo yabwiye abatambyi n'abafarisayo, yababwiraga ko, Imana izabagenza nk'uko yagenje Abisirayeli igihe bari mu butayu. Igice cya 14 cyo Kubara gifitanye isano n'uyu mugani.

Imana yiyeretse Abisirayeli incuro zigera ku icumi mu buryo bw'ibitangaza, ntibizera bituma Imana ivuga ko bazarimbukira mu

butayu kubera ko batizeye gufata Kanani ngo baragwe igihugu basezeranijwe. Mu buryo bumwe cyangwa ubundi, Yesu yirukanye Abatambyi n'Abafarisayo, ubwo yabamburaga Ubwami igihe yinjiraga i Yerusalemu ahetswe n'Indogobe. Urugero rwo kwambura Ubwami bw'Imana rwagiye rubaho kenshi mu mateka y'Itorero, aho Imana yagiye yimuka mu Itorero ritacyera imbuto, ikajya mu Itorero ryera imbuto z'Ubwami.

Icyo Wakora Ngo Usobanukirwe Imigani Ya Yesu

Hari imigani 47 Yesu yatanze mu butumwa bwa Matayo, Mariko na Luka. Nahisemo imwe muri yo mu rwego rwo kwerekana inyigisho z'ingirakamaro Yesu yatanze mu butumwa bwiza bwa Matayo. Ndakugira Inama yo kurushaho kwiga no gucukumbura iyi migani ya Yesu. Mu gihe uyisoma, Ndaguha imirongo migari y'uburyo wa koresha kugirango wumve neza ubusobanuro bw'imigani isigaye.

Wibuke ko umugani ari inkuru Yesu yatangaga ikubiyemo ukuri kugenewe abakumva. Yesu ni we ntangarugero mu kwigishiriza mu migani. Twakagombye kwita ku isomo riri muri buri mugani, kubera ko imigani ya Yesu yabaga ihatse ukuri runaka.

Mu gihe dushaka kwiga iyi migani ya Yesu, biradusaba kwita cyane ku miterere ya buri mugani. Mu gihe rero ushaka kumenya ukuri kuri mu migani ya Yesu, ugomba kubanza kwibaza ibibazo bikurikira:

- Uyu mugani waciriwe abantu bameze bate?
- Uyu mugani Yesu yawuciye ari he?
- Uyu mugani waciwe ryari?

Hari ibihe bibazo mu muryango wa Kiyuda byatumye Yesu yigirishiriza mu migani? Ni bande uyu mugani waciriwe? Uko wowe ubibona, Yesu yari agendereye iki mu guca uyu mugani? Ukuri Yesu yari agamije ko abantu bamenya muri uyu mugani ni ukuhe? Niba hari ubusobanuro Yesu yatanze ku mugani runaka, ubugendereho, kandi niba ntabwo yatanze, witondere cyane uburyo wisobanurira uwo mugani. Umugani ushobora kugira ubusobanuro bumwe bw'ukuri ariko ugakuramo amasomo menshi. Ni yo mpamvu, usabwa gusenga buri gihe uti: "Ni iki Imana ishaka kunyigisha njyewe ubwanjye, umuryango wanjye cyangwa Itorero muri uyu mugani?"

IGICE CYA CUMI 11

Inyigisho Za Yesu Z'ingenzi Dusanga Muri Matayo

Yesu Ahamagara Abarushye

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

"Yemwe abarushye n'abaremererewe muze munsange ndabaruhura, mwemere kuba abagaragu banjye, munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu kuko kunkorera bitaruhije n'umutwaro wanjye utaruhije." (Matayo 11:28-30).

Nk'uko twabibonye mu nyigisho nyamukuru Yesu yatanze kuri wa musozi, uko yarangizaga igika runaka, yasabaga abantu kugira icyo bagikoraho. Aha ubutumire bwa Yesu bwarebaga abantu bose baremerewe, bakora uko bashoboye ngo imitwaro yabo bayikorere bo ubwabo batazi ko hari uw'abaruhura ahubwo imitwaro ikarushaho kuremera no kutihanganirwa. Yesu araduhamagara ngo aturuhure imitwaro ituremereye, kandi tubone uburuhukiro bw'imitima yacu, maze tubone uburyo ubuzima Yesu abworoshya n'imitwaro na yo ikatworohera.

Ku ikubitiro wumva ikigenderewe ari ukuturuhura imitwaro, ariko iyo urebye neza ubu butumire usanga harimo ijambo rigira riti: "Nimunyigireho." Araduhamagara ngo tumenye ko umutwaro we utaremereye, ko yoroheje mu mutima, ko kumukorera bitaruhije.

Nta muntu n'umwe wo kuri iyi si wigeze ugira umutwaro ungana n'uwo Yesu yagize, ariko dore aratubwira ati: "Umutwaro wanjye ntabwo uremereye." Niba dushaka kubona uburuhukiro bw'imitima yacu no koroherezwa imitwaro yacu, kuko uwavuze ngo hahirwa aboroheje (abagwaneza), ni we udusaba kumwigiraho tugira umutima woroheje. Yesu araduhamagara ngo tumwigireho. Turahamagarirwa kwemera gucishwa bugufi na Yesu Kristo atubera urugero nk'uko yabereye Intumwa urugero.

Ikintu cy'ingezi Yesu aduhamagarira, ni ukumenya icyo ijambo "Kunkorera" rivuze mu buzima bwacu. Kunkorera bitandukanye n'"Umutwaro", ahubwo ni imbaraga zisunika umutwaro uremeye. Fata urugero rw'ikimasa gihinga gikurura imitwaro iremeye, biragufasha kumva ubusobanuro bwabyo. Ubusanzwe ikimasa gihinga nta bwenge kiba gifite bwo kwibwiriza gukurura imashini, ariko kibasha gukurura imashini yo guhinga ari uko kiziritswe umugozi mu ijosi. Icyo giti n'umugozi bituma ikimasa gikurura imashini zihinga ni byo byitwa "Yoke" imbaraga zituma dukora ibyo tutari bushobore.

Ni muri ubwo buryo, inyigisho za Yesu n'izindi ndagagaciro ze kuri twe ari nka cya "Giti n'umugozi." Bidufasha kwikorera imitwaro ikomeye mu buzima bwacu. Ni yo mpamvu Yesu atubwira ati: "Mwemere kuba abagaragu banjye" bizatuma ubuzima buborohera n'imitwaro yanyu itaremera kubera ko muhambiriye kuri Yesu.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Muri iyi nyigisho, Yesu araduhamagarira kumusanga, ntabwo aduhamagarira kujya mu Itorero, ishuri rya bibiliya, cyangwa se andi matsinda abasha kutugeza kuri we. Ubutumire ni ugusanga Kristo, aradushaka ngo dusabane na we, kandi tubone ubuzima nk'uko na we abubona.

Turamutse twemeye kubona ibintu mu ndangagaciro za Yesu, aho adusezeranya ko tuzabona uburuhukiro bw'imitima yacu tukoroherwa n'imitwaro ndetse ibitugora mu buzima bikoroha, ibyo bishoboka iyo turi mu busabane na Yesu.

Ubwami Buhinduka Itorero (Matayo 16:13-23)

Uyu ni wo murongo w'ingenzi cyane mu butumwa bwiza, kuko ari bwo bwa mbere Yesu yavuze ijambo "Itorero." Yesu na Yohana Umubatiza batangiye imirimo yabo bavuga ubutumwa bwiza bw'Ubwami bw'Imana. Kuri wa musozi cyo kimwe n'izindi nyigisho ze zakurikiyeho, yagiye avuga ku bwami bw'ijuru cyangwa bw'Imana.

Kuri iyi ncuro Yesu aravuga ati: "Ngiye kubaka itorero ryanjye kandi amarembo y'ikuzimu ntabwo azarishobora, arongera avuga ko Itorero rye agiye kuryubaka ku ntumwa Petero."

Intandaro y'ibi byose yabaye ikibazo Yesu yari abajije abigishwa be ati "Mugirango ndi nde?" Petero aramusubiza ati "Uri Kristo Umwana w'Imana ihoraho." Ashimishijwe n'igisubizo cya Petero, Yesu amuvugaho neza muri aya magambo ati: "Simoni we" ntabwo ari ubuhanga bwawe buguhishuriye ibyo, ahubwo ni Data uguhishuriye ko ndi Kristo.

Nzubaka Itorero ryanjye ku iyerekwa umuntu wese abasha kugira rimeze nk'iryo Petero yagize, kubera ko abantu basanzwe bashobora gukora ibidasanzwe kubera Umwuka Wera aba muri bo. Amarembo y'ikuzimu ntashobora gusenya Itorero, "kubera ko imbaraga ziri mu itorero n'irizigose ari Umwuka Wera." Nubwo ibi bisa n'ibinyuranye ariko ntabwo bivuguruzanya.

Mbese muri iki gihe Yesu yari arimo kubaka Ubwami cyangwa yari arimo kubaka Itorero? Ntabwo yari arimo kubaka kimwe muri byo ahubwo byombi. Ubwami ni *ukubaho* k'ubushake bw'Imana mu isi nk'uko buri mu ijuru, naho Itorero ryo, riri mu isi ngo risohoze ubushake bwe. Ubwami buza mu gihe ubushake bw'Imana buba mu isi nk'uko biba mu ijuru. Itorero riba icyo rikwiye kuba cyo, iyo risohoje ubushake bw'Imana mu isi.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Uyu murongo ufite umwihariko wawo kuko igihe Yesu yari arimo kubwira abigishwa iby'urupfu rwe i Yerusalemu, Petero yaramucyashye agira ati ntibikabe! Yesu ahindukirana Petero wari umaze igihe gito ahishuriwe uwo Yesu ari we, amwita "Satani." Yesu, yari arimo kubwira Petero ko ahagaze mu nzira y'ubushake bw'Imana arwanya ugushaka kwayo, kuko adahagaze mu mwanya w'Imana ahubwo mu mwanya wa Satani.

Ikiganiro cya Yesu na Petero kitwereka ko umuntu usanzwe ashobora gukoreshwa ibidasanzwe ku bw'imbaraga z'Umwuka Wera. Nanone iki kiganiro hari indi shusho gitanga ko dushobora kugira uruhare mu kuzitira ubushake bw'Imana ku isi no guha inziraa ubushake bwa Satani akaba ari bwo buba ku isi. Igitangaje ni uko mu gihe kigufi cyane umuntu abasha gukoreshwa n'Imana kandi agakoreshwa na Satani.

Twe Tuvuga Ko Yesu Ari Nde?

Hari inkuru ivuga ko Yesu yagiye mu ijoro hagati ku marembo y'ishuri rikuru rya Bibiliya, avuza inzogera, umuyobozi w'ishuri akinguye Yesu aramubaza ati "Ndi nde?" umuyobozi w'ishuri aramusubiza at:i "Ni wowe shingiro ryo kubaho kwacu" uri ishingiro ry'ubusabane bwacu. Yesu ati: "ngo iki?" Ni ngombwa ko tuba dufite igisubizo kuri iki kibazo cy'ingenzi yabajije abigishwa. Dusabwa kumenya ko Yesu ari Kristo, ari Mesiya, ari Umucunguzi wahanuwe kandi ko ari Umukiza w'abari mu isi.

Imiterere Y'ubuyobozi Bwa Yesu (Matayo 23:1-12)

Uyu murongo ugaragaza impinduramatwara y'imiyoborere ya Yesu. Iyi nyigisho isa n'iyo yigeze guha abigishwa be ubwo yasabaga buri wese kuba umugaragu wa mugenzi we, nk'uko na we ubwe yagiye aca bugufi akabakorera (Matayo 20:20-28). Ibi yabibigishije ubwo yabozaga ibirenge mu cyumba cyo hejuru. (Yohana 13:1-17) abisobanura neza kurushaho muri iki gice aho yerekana ko imiyoborere myiza y'itorero irangwa no guca bugufi.

Turamutse duhaye agaciro ishyirwa mu bikorwa ry'iyi myumvire yo guca bugufi mu itorero muri iki gihe, nta gisa na byo, dushingiye kuri iyi nyigisho ndetse n'inyigisho dusanga mu bice makumyabiri bya Matayo. Itorero rikwiye kuba umuryango w'Imana, aho abantu "badasumbana" nkuko bimeze mu isi ahubwo bareshya.

Hari ibintu bitatu Yesu yabujije Abigishwa be ubwo yababwiraga imiterere y'ubuyobozi bwe. Kugira ngo Abigishwa bumve neza ibi bintu bitatu yababuzaga, yatanze urugero ku Bafarisayo n'Abanditsi. Abafarisayo n'Abanditsi banyuranyaga n'imyumvire ya Yesu

n'Imiterere y'ubuzima bwe. Bakundaga "kurobanura ku butoni" bumvaga bo ubwabo bari "Hejuru" naho abandi bari "Hasi." Bakundaga kugaragara ku meza y'imbere mu birori, gusuhuzwa mu ruhame, bakundaga ko babita ba "Rabi" "Mwigisha" na "Data."

Mu kwerekana imiterere y'Abafarisayo, nk'urugero rwo kurindwa, Yesu yabwiye abigishwa be ibintu bazirinda mu miterere y'ubuyobozi bwabo mu Itorero. Yababwiye ko nta muntu ukwiriye kubita "Rabi" "Mwigisha" nyakubahwa (Master). Kubera ko dufite Rabi umwe ariwe Kristo. Abasigaye twese turi ku rugero rumwe nk'abavandimwe! Ni muri urwo rwego Yesu yababuzaga kwita uwo ari we wese "Data" cyangwa "Mwigisha." Hari ubusobanuro bumwe buvuga ko umwigisha ari "Umuyobozi."

Ukuri ni uko "Data" ari Imana, naho umuyobozi akaba "Kristo", abasigaye bose ni abavandimwe ku rugero rumwe.

Ni gute twitwara mu matorero yo muri iki gihe ku bijyanye n'imiterere y'imiyoborere y'ubuyobozi bwa Yesu? Jye birangora cyane gusobanukirwa "ubusumbane" bwimakajwe muri iki gihe mu Itorero. Ibintu bijyanye (n'Inzego, Amazina y'ibyubahiro), tubona mu Itorero muri iki gihe, bituma bagaragara bari hejuru y'abandi, bimeze neza neza nk'inzego dusanga mu gisirikare. Yesu yavuze ko ubuyobozi bw'Itorero bugomba gutandukana n'ubuyobozi bw'isi, (Matayo 23:11-12, Yakobo 2:1-9).

Ikiganiro Yatangiye Ku Musozi Wa Elayono (Matayo 24,25)

Iki ni ikiganiro cya Yesu avuga ku kugaruka kwe bwa kabiri, n'imperuka y'isi. Cyo kimwe n'ikiganiro cyo mu cyumba cyo hejuru, agitangiza kiri mu rwego rw'ibiganiro bisanzwe kigasoza kibaye ikiganiro mbwirwaruhame. Yesu n'Abigishwa be ubwo basuraga urusengero rwa Salomo, Abigishwa bamwereka ubwiza bwarwo. Maze Yesu ababwira ko igihe kizaza hakabaho ko nta buye rizasigara rigeretse ku rindi. Abigishwa bamubajije ibibazo bitatu bikurikira "Ibyo bizaba ryari? Ikimenyetso cyo kuza kwawe ni ikihe? n'ikimenyetso cy'imperuka y'isi." mu gihe wiga iyi nyigisho ikubiye muri iki kiganiro mbwirwaruhame cya Yesu, ibibazo uko ari bitatu ndetse n'ibisubizo Yesu yatanze bigufasha kumva iki kiganiro.

Ikimenyetso cyo kugaruka kwa Yesu ntabwo ari igihe ahubwo ni uruhererekane rw'ibihe. Mu buhanuzi bwa Bibiliya, ikigoye ni ukumenya ubuhanuzi buzasohora vuba n'ubuzahora butinze.

Imyaka mirongo ine irangiye nyuma y'ubuhanuzi bwa Yesu, Abaroma baraje basenya urusengero ntihagira ibuye risigara

rigeretse ku rindi. Iki cyago cyashyikiye Abayuda i Yerusalemu kiri mu byo Yesu yavuze muri iki kiganiro.

"Ibyo bizaba ryari?" ni kimwe mu bibazo Abigishwa babajije Yesu, nawe agira ati: "Umwe azajyanwa undi asigare." Ibi yabivuze yerekeza ku munsi azatwara Itorero arikuye mu isi nk'uko Pawulo yabyanditse (Abatesalonike 4:13-14). Igihe cy'umubabaro ukomeye kizaba Yesu yavuze, gisa n'icyo tubona mu Byahishuwe uhereye mu gice cya (6-19) havuga ibimenyetso, impanda, n'inzabya byuzuye umujinya w'Imana bizamenwa mu gihe cy'umubabaro ukomeye.

Abigishwa bashatse kumenya ibimenyetso by'ibihe uko ari bitatu. Yesu abasubiza ko nta muntu n'umwe uzi igihe bizabera. Nuko abaha ibimenyetso by'ibihe by'imperuka y'isi bikurikira: Intambara n'Impuha z'intambara, impuha z'intambara zabayeho mu gihe cy' "Intambara ikonje", "cold war", "guerre froide" ishyanga rizatera irindi shyanga ibyo ni byo nise (intambara y'isi yose ya 1, n'iya 2). Inzara, Imishyitsi, no kwimura Imana na byo ni bimwe mu bimenyetso simusiga by'imperuka. Ibi bibazo uko ari bitatu ni byo abigishwa babajije YesuK ku bijyanye n'ibihe bya nyuma n'ibyo guhabwa agaciro, Yesu yavuze ko kuza kwe bizaba nk'uko umurabyo urabiriza mu ruhande rumwe rw'ijuru ukarabagiranira mu rundi ruhande kwe. Hamwe n'ibi bimenyetso byose, Yesu azaza mu gihe abantu batabitekereza. Ku bw'ibyo icyo dusabwa, ni ukuba maso ku buryo igihe cyose azazira azasange turi maso.

Isomo tuvana muri iyi nyigisho ikubiye mu migani itatu dusanga mu gice cya 25 cya Matayo ni iri: Umugani wa mbere utubwira ko kuza kwe kuzagira ingaruka mbi ku matabaza arimo ubusa. Amavuta ni ikimenyetso cy'Umwuka Wera muri Bibiliya. Abakobwa b'abapfu batari bafite amavuta mu matabaza yabo bashushanya abanyetorero ariko bazaba badafite Umwuka Wera nagaruka.

Ikibazo kiri muri uyu mugani wa mbere, ni uko ubwo umukwe azaza (Yesu) bitazaba bigishobotse ko abadafite amavuta bajya kuyashaka mu bagurisha amavuta y'amatabaza (Abizera) kugira ngo bacane amatabaza yabo.

Ikibazo nyamukuru dusanga mu mugani wa kabiri, ni ikiganza azasanga kirimo ubusa ubwo azaza. Uyu mugani urazwi: ni wa wundi w'italanto. Twese tuzabazwa ikibazo gisa n'icyo Imana yabajije Mose iti "N'iki ufite mu ntoki?" (Kuva 4:2). Ibyanditswe bitubwira ko intebe y'imanza ya Kristo izakurikira kuzamuka kw'Itorero (1 Abakorinto 3:13-15) (2 Abakorinto 5:10). Uyu mugani uratwigisha kuba ababitsi b'abizerwa b'ibyo Imana yatubikije.

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Isomo riri mu mugani wa gatatu ni irijyanye n'umuntu wese uzaba ufite umutima urimo ubusa ubwo azagaruka. Abataritaye ku bafite inyota, ku bashonje, ku badafite icyo kwambara, ku barwayi no ku bari mu nzu z'imbohe. Abo Yesu yise "Abavandimwe" bahuye n'ibibazo tubonye haruguru, bishoboke ko ari abigishwa be baje guhura na bene ibi bibazo ubwo bari barimo kubwiriza ubutumwa bwiza mu mahanga yose nk'uko yabisabye Itorero.

IGICE CYA 12

Yesu Yagize Imibabaro Ikomeye (Matayo 26-28)

Ibi bice uko ari bitatu bivuga ku rupfu no ku kuzuka bya Yesu Kristo, dusangamo n'izindi nyigisho za Yesu n'uko yitwaye mu kibazo. Muri iki gihe, ni bwo Yesu yafashe Pasika y'Abayuda bizihizaga ayihinduramo "Umuhango wera w'Itorero ari wo ifunguro ryera" cyangwa "Ameza y'Umwami."

Ni muri iki gihe cy'umubabaro tubona Yesu asenga mu gashyamba k'i Getsemani (Isengesho twakwita "isengesho ry'Umwami").

Nyuma yo kuzuka, yasabye Intumwa ze n'abandi bigishwa be benshi kujya mu mahanga yose babwiriza ubutumwa bwiza. Mu gihe usoma ibi bice bivuga ku mibabaro Yesu yagize, uzirikanae uburyo Itorero riha agaciro urupfu rwe, uburyo Yesu yasenze n'ubutumwa nyamukuru Yesu yahaye Itorero bwo kugeza ubutumwa ku isi yose.

Ifunguro Ryera (Matayo 26:17-35)

Iyo nyir'urugo (Umugabo) agiye gukora urugendo azamara igihe kirekire atari kumwe n'umuryango, yifotoza ifoto akayisigira umuryango. Iyi foto igira umumaro munini mu gihe batarongera kubonana. Iyo agarutse avuye mu rugendo, umuryango umukikije mu rukundo ya foto ntiba ikiri ngombwa.

Hari isano iyi nkuru ifitanye n'ibyo Yesu yakoze ubwo yatangizaga umuhango w'ifunguro ryera. Yari azi neza ko urugendo agiyemo azatinda. Hanyuma asigira Itorero ifoto "Ye" aravuga ati: "Mu gihe nzaba ntari kumwe namwe, ndashaka ko muzajya munyibuka mureba iyi foto." Ubwo Yesu azaza ntabwo bizongera kuba ngombwa ko tumwibuka.

Ubwo yari kumwe n'Abigishwa be muri cya cyumba cyo hejuru, Yesu yari azi ko bamwe muri bo bazamwibuka bakurikije ibyanditswe mu butumwa bwiza uko ari bune harimo imirimo ye itandukaye. Ibyo bumvise avuga akanakora, aho bari kwibuka ko:

yazuye abapfuye, yakijije abarwayi, ko yaturishije umuyaga, ko yakundaga abanyabyaha, n'inyigisho zigaragaza uko yabahamagaye.

Ariko yarababwiye ati: "Dore uburyo nshaka ko muzajya munyibuka" uko muzajya murya uyu mutsima mukanywera kuri iki gikombe muzaba mwibuka urupfu rwanjye kugeza igihe nzazira." (Matayo 26:26-29).

Mu (1Abakorinto 11:26), ifunguro Ryera ni yo "foto Ye" Yesu yasigiye itorero.

Isengesho Yesu Yasenze (Matayo 26:38,39).

Nubwo Yesu atasenze isengesho ryo yigishije Abigishwa be rizwi nka "Data wa twese" ryagombye kutubera urugero rwiza twese rwo gusenga. Ijambo nyamukuru mu isengesho rye ryari: "Ntibibe uko nshaka ahubwo bibe uko ushaka." Iri sengesho ritwereka ko buri gihe iyo umuntu asenze aba ahagaze yagati y'ubushake bwe n'ubw'Imana. Iyo twemereye ubushake bw'Imana ko buba, byose bifataniriza hamwe kutuzanira ibyiza (Abaroma 8:26-28).

Igice cya mbere cy'isengesho rya Yesu ni intagarugero dukwiriye kwigana: "Data, niba bishoboka iki gikombe kindenge." Nk'abana twese dufite uburenganzira bwo gusenga muri ubu buryo. Uramutse umenye ko wowe cyangwa abo ukunda hari urwaye kanceri, wemerewe gusenga uvuga uti "Niba bishoboka" mu yandi magambo ufite uburenganzira bwo gusenga usaba gukira. Ariko mu gusoza isengesho ugasenga nka Yesu ukavuga uti "Ibyo nshaka ntabe ari byo biba ahubwo ibyo ushaka abe ari byo biba"

Abantu benshi bibwira ko ari ukwizera guke gusengera umuntu urwaye uvuga uti "Niba ari bwo bushake bwawe". Sinumva ukuntu, bigora abantu gusenga basaba ubushake bw'Imana mu gihe Yesu umwana w'Imana yasenze asaba ko ubushake bwayo ari bwo buba ubwo yari ageze mu mwanya ukomeye kuruta indi yose yamaze ku isi. Iyo ataza gusenga atya, nta muntu n'umwe wari kubona agakiza. Abacunguwe bose bafite umwenda wo gushimira Yesu ko yasenze agira ati "Ubushake bwawe bube."

Habayeho guhuriza hamwe gushaka kw'Imana Data no gushaka kw'Imana mwana byatumye havamo agakiza kacu.

Urupfu Rwa Yesu (Matayo 27:11-37)

Ibitabo bitatu bibanza by'ubutumwa bwiza, iyo bitubwira urupfu rwa Yesu ku musaraba bivuga muncamake. Ntabwo biduha amakuru y'uburyo Yesu yabambwe ijambo ku rindi nk'uko byagenze, ahubwo babivuga mu ijambo rimwe rigira riti "Baramubamba."

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Tubasha kumva neza, ubusobanuro bw'urupfu rwa Yesu tubanje kumva neza ijambo "Baramubamba."

"Baramubamba"

Kubambwa rwari urupfu rubi Abaroma bahanishakaga abantu. Byatwaraga hagati y'iminsi itanu n'icyumweru kugirango umuntu wababambwe ku musaraba ashiremo umwuka. Uwabaga afite ubwenegihugu bw'Abaroma ntabwo yabambwaga kubera ko rwari urupfu rurimo iyica rubozo rikabije.

Kubambwa byafatwaga nk'urupfu rutabereye ikiremwamuntu, cyane ko ubambwa yabaga yambaye ubusa, byari bikojeje isoni kandi bisuzuguje (Matayo 27:35), (Abafilipi 2:8). Ugendeye kuri Bibiliya, ikintu cy'ingenzi ni uko urupfu Yesu yapfuye ari rwo rwari rwarahanuwe. Yesaya 53, na Zaburi 22, byavugaga ku rupfu Yesu azapfa ari byo byasohoye mu gihe yapfaga ku musaraba.

Ugendeye kuri iyi nkuru yo kubambwa kwa Yesu usanga agahinda, gusuhuza umutima, n'imibabaro yo mu mutima wa Yesu Kristo ari byo byaduhesheje agakiza. Ubwo yari ahindutse icyaha ku bwacu, yagize ati "*Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki kikundekesheje?"* Abahanuzi n'Intumwa bavuga ko ubwo Yesu yari yuzuye umubabaro wo mu mutima abaza Se ikimumurekesheje, ari bwo igihano kiduhesha Amahoro cyabaye kuri we. Ni bwo yarangije kuducungura bituma arangurura ati "*Birarangiye"* kandi ati *"Data mu biganza byawe niho nshyize ubugingo bwanjye."*

Ubwo imibabaro ye yari irangiye, agaragarisha kutubabarira ikimenyetso cy'amaraso ye. (Yesaya 53; 2Abakorinto 5:21, 1Petero 2:21-25; Yohana 19:30; Luka 23:46). Ubwo ni bwo busobanuro bw'ijambo, "Baramubamba".

"**Baramubamba"**

Dusobanukirwa neza ubusobanuro bw'urupfu rwa Yesu Kristo, iyo dutinze k'uwabambwe uwo ari we (Yesu). Abaroma na mbere hose bari barabambye ku musaraba ibihumbi by'abantu ndetse benshi bagiye batinda ku musaraba bakanahababarizwa cyane kurutaho. Ibyo bihumbi by'abantu bagiye babambwa bazira ubutumwa bwiza cyangwa bahorwa Kristo, amaraso yabo ntacyo yari amariye abari mu isi kuko atari gukuraho ibyaha byabo.

Twagombye guca akarongo tuvuga ko ubwo Yesu yapfaga urupfu rw'umubiri ntabwo ari rwo rugenderewe ahubwo "Uwapfuye urwo rupfu ku musaraba", ni we utuma kubambwa kwa Kristo guhinduka ishingiro ry'Agakiza kacu.

Ubwo yabambwaga, iyo ataza kuba ari umwana w'Imana, urupfu rwe ntacyo rwari kuba rutumariye ku bw'ibyaha byacu mu myaka ibihumbi bibiri ishize. Ni yo mpamvu kuba ari "We" babambye ari byo bifite agaciro. (Matayo 27:22, 23, 1 Abakorinto 1:1-2, 2:2).

"Baramubamba"

Dusoza, iyo turebye ijambo ribanza muri aya atatu bituma twibaza ngo ni nde wishe Kristo? "Baramubamba." Bidutera kwibaza ku mibabaro Yesu yagize. "Ni nde wishe Yesu?" igisubizo ni: "Abaroma ni bo bamwishe." Nubwo ku bigaragara ari bo bamuteye imisumari bamutera n'icumu, ariko iyo dusomye neza dusanga Yesu yarishwe n'Abayuda (Matayo 27:25). Bibiliya yo ikatubwira ko ari Imana ubwayo yamutanze ngo apfire abari mu isi! Reka dufate ingero nke muri Bibiliya: mu gice cya 53 cya Yesaya ari cyo kivuga cyane mu buhanuzi uko Yesu azapfa, haragira hati: "*Ariko Uwiteka yishimiye kumushenjagura, yaramubabaje ubwo ku bw'ubugingo buzitamba ho igitambo cy'ibyaha by'abari mu isi." (Yesaya 53:10)* Dore uko Isezerano Rishya ribivuga: *"Imana yahinduye utari ufite icyaha kuba icyaha kugira ngo duhinduke gukiranuka kw'Imana." (2Abakorinto 5:21).* Twagombye kwibuka ibi mu gihe dutekereza ku ijambo *"Baramubamba."*

Kuzuka Kwa Yesu (Matayo 28:15)

Kuzuka kwa Yesu Kristo kutwereka uburyo Intumwa n'Abigishwa bitwaye. Ntitwagombye kugaya Petero cyane kuko ibyanditswe bitubwira ko, ubwo Yesu yafatwaga, "Abigishwa bose baramuhanye barahunga." UbwoYesu yari mu mwanya we ukomeye, nta n'umwe wamubaye hafi. Mu bigishwa bose nta n'umwe ndetse n'abari baramwizeye (Itorero) bose nta n'umwe wamubaye hafi.

Ni iki cyatumye Itorero "Ribyuka" rikabaho? Ni uko Yesu Kristo yazutse! Kubera ko yari yarabwiye Abigishwa be, ndetse barumvise avuga ku mugaragaro ko azerekana Ubumana bwe, agakuraho impaka zose, amaze kuzuka mu bapfuye. "Amaze kuzuka mu bapfuye, Abigishwa bibutse ibyo yababwiye bituma bizera ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera ndetse n'amagambo Yesu yababwiye (Yohana 2:22).

Mu nyigisho nyamukuru Petero yatanze ku munsi wa Pentekote, yabwiye Abayuda ku kuzuka kwe no ku gupfa kwe (Zaburi 16, Ibyakozwe n'Intumwa 2:30-32), anahamya ko ibitangaza n'ibimenyetso babwiwe bikozwe n'uwazutse akaba ari muzima ari we Yesu Kristo (Ibyakozwe n'Intumwa 2:33).

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

Kuzuka kwa Yesu ni ko kuduhamiriza ko yapfiriye ibyaha byacu, ni na ko guha Itorero ibyiringiro bihoraho kugeza magingo aya. (1Abakorinto15).

Mujye Mu Mahanga Yose (Matayo 28:18-20)

Nk'uko nagiye mbivuga kenshi, intego ya Yesu yari iyo kugeza ubutumwa bwiza ku isi yose bikozwe n'Intumwa n'Abigishwa be. Matayo abyerekana neza iyo asoza ubutumwa yanditse. Iminsi Yesu yamaranye na bo yari arimo kubatoza kuzagera aho atageze. Amaze kuzuka, abaha impamyabumenyi z'imyaka itatu babanye arangije arabatuma ati: "*Mujye mu mahanga yose muhindure abantu bose Abigishwa banjye."*

"Mujye mu mahanga yose" ni itegeko rigizwe n'ibice bitatu by'inshinga. Itegeko yabahaye ni iri: "Muhindure Abantu bose Abigishwa." Inshinga eshatu zirimo ni izi zikurikira: "Mugende, Mubatize, Mwigishe" "mu gihe mugenda, mubatiza, mwigisha, muhindure Abantu bose abigishwa". Intego yacu iyo tubwiriza ubutumwa abatuye isi, ntabwo ari ukubwiriza bidafite icyerekezo, aho umuntu nyuma yo kubwirizwa akizera yitwara uko yishakiye. Intego ni uguhindura abantu Abigishwa ba Yesu.

Dogiteri Robert S Glover, umumisiyoneri w'igihangange, yagize ati: "Mujye mu mahanga yose, ni cyo Itorero ribereyeho cyo kimwe n'indi miryango yose ikora. Itorero ryagombye kuzuza inshingano zaryo ribereyeho cyangwa se rikorera kubaho." Abasesenguzi batubwira ko Yesu yigishije inyigisho magana atanu mu butumwa bwiza uko ari bune. Jye mbahaye bike cyane muri byo, bikubiye mu ncamake ku bitabo by'Ubutumwa bwiza na Matayo by'umwihariko.

Iyo urebye neza ijambo "mujye mu mahanga yose guhindura abantu Abigishwa," bisabanuye ko mu gihe Itorero ryagura umurimo, ritagomba kwibanda ku guhindura abantu Abigishwa ba Yesu gusa, ahubwo rikwiriye kongeraho kubigisha n'icyo bisobanuye "Mugende muhindure abantu bose Abigishwa banjye" akaba ari ryo yaje kuvamo Itorero. Uku koherezwa kw'Abigishwa mu mahanga yose, kwatumye Pantekote iba iy'umumaro kubera ko intego ya Pentekote yari iyo gukomeza Itorero kugeza magingo aya, akaba ari na yo ntego yayo ngo Itorero ribashe gusohoza inshingano zaryo.

Itorero ni wo muryango wonyine kuri iyi si ubereyeho inyungu zitareba abanyamuryango baryo. Mu gatabo gakurikiyeho, tuzakomeza kurebera hamwe incamake ku butumwa bwiza kandi tubizeza ko muzakomeza kwiga ibisekuruza biruta ayandi, ya Yesu Kristo. Mu gusoza ndifuza kubaza ibi bibazo bikurikira:

Agatabo ka 10: Iribuliro ry'Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza na Matayo

- ✓ Ese wigeze umenya Yesu ko ari Kristo, ko ari Mesiya, ko ari we abahanuzi bahanuye?
- ✓ Wizera ko Yesu yapfuye ku bw'ibyaha byawe?
- ✓ Wigeze ufata icyemezo cyo kuba umwigishwa wa Yesu Kristo no kumukurikira? Ibyo umaze kwiga uzabimaza iki?

Ndasenga ngo iri shuri rito rya Bibiliya rizakomeze kugufasha kuba mu ijambo, n'ijambo ribe muri wowe.